

<p>IMIRONGO NGENDERWAHO N° 001/CMA_G/2023 YO KU WA 29/03/2023 YO GUKUMIRA IYEZANDONKE NO GUTERA INKUNGA ITERABWOBA KU ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE</p>	<p>GUIDELINES N° 001/CMA_G/2023 OF 29/03/2023 ON PREVENTION OF MONEY LAUNDERING AND TERRORISM FINANCING IN CAPITAL MARKETS</p>	<p>DIRECTIVES N° 001/CMA_G/2023 DU 29/03/2023 LA PRÉVENTION DU BLANCHIMENT D'ARGENT ET DU FINANCEMENT DU TERRORISME SUR LES MARCHÉS DE CAPITAUX</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO Z'IBANZE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: PRELIMINARY</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER : PRÉLIMINAIRES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iyi mirongo ngenderwaho igamije</u></p>	<p><u>Article one: Purpose of these guidelines</u></p>	<p><u>Article premier : Objet des présentes directives</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></p>	<p><u>Article 2: Interpretation</u></p>	<p><u>Article 2 : Interprétation</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Ibigenwa n'iyi mirongo ngenderwaho</u></p>	<p><u>Article 3: Scope of these guidelines</u></p>	<p><u>Article 3 : Champ d'application de ces directives</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Abarebwa n'iyi mirongo ngenderwaho</u></p>	<p><u>Article 4: Applicability of these guidelines</u></p>	<p><u>Article 4 : Applicabilité de ces directives</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: IBYEREKEYE IYEZANDONKE, GUTERA INKUNGA ITERABWOBA NO GUTERA INKUNGA IKWIRAKWIZA RY'INTWARO ZA KIRIMBUZI</u></p>	<p><u>CHAPTER II: ABOUT MONEY LAUNDERING, FINANCING OF TERRORISM AND FINANCING OF PROLIFERATION OF WEAPONS OF MASS DESTRUCTION</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : A PROPOS DU BLANCHIMENT DE CAPITAUX, LE FINANCEMENT DU TERRORISME ET LE FINANCEMENT DE LA PROLIFÉRATION DES ARMES DE DESTRUCTION MASSIVE</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Imiterere rusange y'iyezandonke</u></p>	<p><u>Article 5: General Description of Money laundering</u></p>	<p><u>Article 5 : Description générale du blanchiment de capitaux</u></p>

<p><u>Ingingo ya 6:</u> Iyezandonke ku isoko ry'imari n'imigabane</p>	<p><u>Article 6:</u> Money laundering in the capital markets</p>	<p><u>Article 6 :</u> Blanchiment d'argent sur les marchés de capitaux</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Kunguka amafaranga atemewe n'amategeko aturutse mu isoko</p>	<p><u>Article 7:</u> Generation of illicit funds from the market</p>	<p><u>Article 7 :</u> Génération des fonds illicites à partir du marché</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Umwihariko mu gushishoza gihe konti zifunguriwe ahantu hakurikijwe ibanga rya banki cyangwa amabwiriza yo kugira ibanga bikaze</p>	<p><u>Article 8:</u> Particular care needs to be exercised when the accounts are set up in locations with strict bank secrecy or confidentiality rules</p>	<p><u>Article 8 :</u> Particulièrement prudent lorsque les comptes sont ouverts dans des endroits où le secret bancaire ou les règles de confidentialité sont stricts</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Gutera inkunga iterabwoba</p>	<p><u>Article 9:</u> Financing of terrorism</p>	<p><u>Article 9 :</u> Financement du terrorisme</p>
<p>UMUTWE WA III: IMIRONGO NGENDERWAHO MU GUKUMIRA IYEZANDONKE NO GUTERA INKUNGA ITERABWOBA</p>	<p>CHAPTER III: GUIDELINES ON PREVENTION OF MONEY LAUNDERING AND TERRORISM FINANCING</p>	<p>CHAPITRE III : DIRECTIVES SUR LA PRÉVENTION DU BLANCHIMENT DE CAPITAUX ET DU FINANCEMENT DU TERRORISME</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Inshingano z'Inama y'Ubutegesi n'iz'Ubuyobozi Bukuru</p>	<p><u>Article 10:</u> Responsibilities of the Board of Directors and Senior Management</p>	<p><u>Article 10 :</u> Responsabilités du conseil d'administration et de la direction Générale</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Uburyo bushingiye ku ngorane zishobora kuvuka</p>	<p><u>Article 11:</u> Risk-Based Approach</p>	<p><u>Article 11 :</u> Approche fondée sur le risqué</p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u> Ububiko bw'inyardiko</p>	<p><u>Article 12:</u> Records keeping</p>	<p><u>Article 12 :</u> Conservation des documents</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u> Politiki z'imbere</p>	<p><u>Article 13:</u> Internal policies</p>	<p><u>Article 13 :</u> Politiques internes</p>
<p><u>Ingingo ya 14:</u> Amahugurwa</p>	<p><u>Article 14:</u> Training</p>	<p><u>Article 13 :</u> Formation</p>
<p><u>Ingingo ya 15:</u> Kubahiriza ibisabwa</p>	<p><u>Article 15:</u> Compliance</p>	<p><u>Article 15 :</u> Conformité</p>

<p><u>Ingingo ya 16:</u> Kumenya no kugenzura ibiranga abakiriya</p>	<p><u>Article 16:</u> Customer Identification and Verification</p>	<p><u>Article 16 :</u> Identification et vérification des clients</p>
<p><u>Ingingo ya 17:</u> Kumenya umwirondoro wa nyir’umutungo nyawe w’umukiriya</p>	<p><u>Article 17:</u> Identification of the beneficial owner of a customer</p>	<p><u>Article 17 :</u> Identification du bénéficiaire effectif d’un client</p>
<p><u>Ingingo ya 18:</u> Kumenya umwirondoro wa nyir’umutungo nyawe w’umukiriya usaba gukora ubucuruzi akorera mu rwego rw’itegeko rigenga amasosiyete</p>	<p><u>Article 18:</u> Identification of the beneficial owner of person applying to do business within the framework of the company law</p>	<p><u>Article 18 :</u> Identification du bénéficiaire effectif d’une personne demandant à faire des affaires dans le cadre de la loi régissant les sociétés</p>
<p><u>Ingingo ya 19:</u> Kumenya umwirondoro wa nyir’umutungo nyawe w’umukiriya usaba gukora ubucuruzi akorera mu rwego rw’itegeko rigenga ubufatanye mu bucuruzi</p>	<p><u>Article 19:</u> Identification of the beneficial owner of person applying to do business within the framework of the law governing partnership</p>	<p><u>Article 19 :</u> Identification du bénéficiaire effectif d’une personne demandant à faire des affaires dans le cadre de la loi régissant les sociétés des personnes</p>
<p><u>Ingingo ya 20:</u> Kumenya umwirondoro wa nyir’umutungo nyawe w’umukiriya usaba gukora ubucuruzi akorera mu rwego rw’itegeko rigenga ibigo by’ishoramari by’abishyize hamwe</p>	<p><u>Article 20:</u> Identification of the beneficial owner of person applying to do business within the framework of the law governing governing collective investment schemes</p>	<p><u>Article 20 :</u> Identification du bénéficiaire effectif d’une personne demandant à faire des affaires dans le cadre de la loi régissant les organismes de placement collectif</p>
<p><u>Ingingo ya 21:</u> Kumenya umwirondoro wa nyir’umutungo nyawe w’umukiriya usaba gukora ubucuruzi akorera mu rwego rw’itegeko rigenga fondasiyo</p>	<p><u>Article 21:</u> Identification of the beneficial owner of person applying to do business within the framework of the law governing foundations</p>	<p><u>Article 21 :</u> Identification du bénéficiaire effectif d’une personne demandant à faire des affaires dans le cadre de la loi régissant les fondations</p>
<p><u>Ingingo ya 22:</u> Kumenya umwirondoro wa nyir’umutungo nyawe w’umukiriya usaba gukora ubucuruzi akorera mu rwego rw’itegeko rigenga ubwizerane</p>	<p><u>Article 22:</u> Identification of the beneficial owner of person applying to do business within the framework of the law governing trusts</p>	<p><u>Article 22 :</u> Identification du bénéficiaire effectif d’une personne demandant à faire des affaires dans le cadre de la loi régissant les fiducies</p>

<p><u>Ingingo ya 23:</u> Amakuru macye asabwa ku byerekeranye na nyir’umutungo nyawe w’umukiriya</p>	<p><u>Article 23:</u> Minimum required information on the beneficial owner of a customer</p>	<p><u>Article 23 :</u> Informations minimales requises sur le bénéficiaire effectif d'un client</p>
<p><u>Ingingo ya 24:</u> Kugenzura umwirondoro w’umukiriya</p>	<p><u>Article 24:</u> Verification of the identity of the customer</p>	<p><u>Article 24 :</u> Vérification de l'identité du client</p>
<p><u>Ingingo ya 25:</u> Kugenzura umwirondoro wa nyir’umutungo nyawe</p>	<p><u>Article 25:</u> Verification of the identity of the beneficial owner</p>	<p><u>Article 25 :</u> Vérification de l'identité du bénéficiaire effectif</p>
<p><u>Ingingo ya 26:</u> Igihe hagenzurwa umwirondoro w’umuntu imbonankubone</p>	<p><u>Article 26:</u> Situations of identity verification in a face-to-face situation</p>	<p><u>Article 26 :</u> Cas de vérification d'identité dans une situation de face à face</p>
<p><u>Ingingo ya 27:</u> Igihe cyo kugenzura ibiranga umuntu</p>	<p><u>Article 27:</u> Situation of identity verification</p>	<p><u>Article 27 :</u> Situation de vérification d'identité</p>
<p><u>Ingingo ya 28:</u> Ibanga mu gihe cyo kugenzura umwirondoro w’umukiriya</p>	<p><u>Article 28:</u> Confidentiality during the verification of customer identity</p>	<p><u>Article 28 :</u> Confidentialité lors de la vérification de l'identité du client</p>
<p><u>Ingingo ya 29:</u> Ikoreshwa, ibikwa ry’inyandiko no kubika amakuru areba umukiriya</p>	<p><u>Article 29:</u> Use, documentation and retaining of customer data</p>	<p><u>Article 29 :</u> Utilisation, documentation et conservation des données du client</p>
<p><u>Ingingo ya 30:</u> Kwanga gukora igikorwa cy’ubucuruzi no gukora raporo ku gikorwa gikemangwa</p>	<p><u>Article 30:</u> Refusal of transaction and reporting of suspect transaction</p>	<p><u>Article 30 :</u> Refus d'une transaction et déclaration d'une transaction suspecte</p>
<p><u>Ingingo ya 31:</u> Gutangaza amakuru yerekeranye na nyir’umutungo nyawe</p>	<p><u>Article 31:</u> Disclosure of beneficial ownership information</p>	<p><u>Article 31 :</u> Divulgence des informations sur la propriété effective</p>
<p><u>Ingingo ya 32:</u> Kumenya umukiriya mu buryo buhoraho</p>	<p><u>Article 32:</u> Ongoing Customer due diligence</p>	<p><u>Article 32 :</u> Diligence permanente du client</p>

<p><u>Ingingo ya 33:</u> Ukwizerwa kw'amakuru cyangwa inyandiko</p>	<p><u>Article 33:</u> Reliability of information or documents</p>	<p><u>Article 33 :</u> Fiabilité des informations ou documents</p>
<p><u>Ingingo ya 34:</u> Ibisabwa ku inyandiko z'inyongera</p>	<p><u>Article 34:</u> Requirement of additional documentation</p>	<p><u>Article 34 :</u> Exigence de documentation supplémentaire</p>
<p><u>Ingingo ya 35:</u> Kugenzura abashobora kuba abakiriya badasanze baba mu Rwanda</p>	<p><u>Article 35:</u> Verification on prospective customers who are not normally resident in Rwanda</p>	<p><u>Article 35 :</u> Vérification sur clients potentiels qui ne résident pas normalement au Rwanda</p>
<p><u>Ingingo ya 36:</u> Kugenzura mu buryo butabogamye umwirondoro w'umukiriya</p>	<p><u>Article 36:</u> Independent verification of identity of customer</p>	<p><u>Article 36 :</u> Vérification indépendante de l'identité du client</p>
<p><u>Ingingo ya 37:</u> Igenzura ryihariye ry'ibigo bifite ubuzimatozi</p>	<p><u>Article 37:</u> Particular verification of legal entities</p>	<p><u>Article 37 :</u> Vérification particulière de personnes morales</p>
<p><u>Ingingo ya 38:</u> Igenzura ry'umwirondoro w'abafatanyabikorwa n'uw'abishingizi ku makonti</p>	<p><u>Article 38:</u> Verification of the identity of partners and signatories to the account</p>	<p><u>Article 38 :</u> Vérification de l'identité des associés et signataires du compte</p>
<p><u>Ingingo ya 39:</u> Igenzura ry'umwirondoro w'abashyizweho gucunga ibintu n'iz'ubwizerane</p>	<p><u>Article 39:</u> Verification of the identity of the trustee, nominee and fiduciary</p>	<p><u>Article 39 :</u> Vérification de l'identité des comptes fiduciaires et comptes de prête-nom</p>
<p><u>Ingingo ya 40:</u> Gutangira ibikorwa by'Ubushishozi bwinshi (EDD) ku mukiriya</p>	<p><u>Article 40:</u> Undertake EDD processes on the customer</p>	<p><u>Article 40 :</u> Entreprendre des processus d'EDD sur le client</p>
<p><u>Ingingo ya 41:</u> Gukora ibikorwa bya CDD</p>	<p><u>Article 41:</u> Performing CDD measures</p>	<p><u>Article 41 :</u> Mettre en œuvre des mesures CDD</p>
<p><u>Ingingo ya 42:</u> Kubika inyandiko bikorwa n'ikigo cy'imari</p>	<p><u>Article 42:</u> Record Keeping by a financial institution</p>	<p><u>Article 42 :</u> Tenue des registres par une institution financière</p>

<p><u>Ingingo ya 43:</u> Politiki n’uburyo bwo gukemura ingorane zijyanye n’ikorabuhanga rishya n’ibikorwa by’ubucuruzi bikorwa abantu batarebana</p>	<p><u>Article 43:</u> Policies and procedures to address risks associated with new technology and non-face-to-face transactions</p>	<p><u>Article 43 :</u> Politiques et Procédures pour faire face aux risques avec de Nouvelles technologies et transactions non présentes</p>
<p><u>Ingingo ya 44:</u> Kugenzura ibikorwa by’ubucuruzi bikorwa abantu batarebana</p>	<p><u>Article 44:</u> Non-face-to-face transactions verification</p>	<p><u>Article 44 :</u> Vérification des transactions hors face-à-face</p>
<p><u>Ingingo ya 45:</u> Ingamba zo kugabanya ingorane zijyanye n’ubucuruzi bukorwa abantu batarebana</p>	<p><u>Article 45:</u> Measures to mitigate the risk associated with non-face-to-face transactions</p>	<p><u>Article 45 :</u> Mesures pour atténuer le risque lié aux transactions hors face-à-face</p>
<p><u>Ingingo ya 46:</u> Kwemeza amafaranga akoreshwa n’ibikorwa by’ubucuruzi</p>	<p><u>Article 46:</u> Determining the legitimacy of funds and transactions</p>	<p><u>Article 46 :</u> Déterminer la légitimité des fonds et des transactions</p>
<p><u>Ingingo ya 47:</u> Amashami yo hanze y’igihugu n’ibigo bishamikiye ku Kigo cy’imari</p>	<p><u>Article 47:</u> Foreign branches and subsidiaries of a financial institution</p>	<p><u>Article 47 :</u> Succursales et filiales étrangères d’une institution financière</p>
<p><u>Ingingo ya 48:</u> Gukora raporo ku bikorwa bikemangwa</p>	<p><u>Article 48:</u> Reporting of Suspicious transactions</p>	<p><u>Article 48 :</u> Déclaration des transactions suspectes</p>
<p><u>Ingingo ya 49:</u> Ibisabwa mu rwego rwo gukora raporo ku bikorwa by’ubucuruzi bw’amafaranga</p>	<p><u>Article 49:</u> Cash transaction reporting requirements</p>	<p><u>Article 49 :</u> Obligations de déclaration des transactions en espèces</p>
<p><u>Ingingo ya 50:</u> Gukurikirana guhoraho</p>	<p><u>Article 50:</u> Continuous monitoring</p>	<p><u>Article 50 :</u> Surveillance continue</p>
<p><u>Ingingo ya 51:</u> Ubugenzuzi</p>	<p><u>Article 51:</u> Audit</p>	<p><u>Article 51 :</u> Audit</p>
<p><u>Ingingo ya 52:</u> Kuburira</p>	<p><u>Article 52:</u> Tipping off</p>	<p><u>Article 52 :</u> Alerte</p>
<p><u>Ingingo ya 53:</u> Gukoresha abandi bantu</p>	<p><u>Article 53:</u> Reliance on third parties</p>	<p><u>Article 53 :</u> Recours à des tiers</p>

<p><u>Ingingo ya 54:</u> Ibisabwa mu gukoresha abandi bantu</p>	<p><u>Article 54:</u> Requirements to rely on third parties</p>	<p><u>Article 54 :</u> Exigences de recourir à des tiers</p>
<p><u>Ingingo ya 55:</u> Kurwanya gutera inkunga iterabwoba</p>	<p><u>Article 55:</u> Combating the financing of terrorism</p>	<p><u>Article 55 :</u> Lutte contre le financement du terrorisme</p>
<p><u>Ingingo ya 56:</u> Uruhare rw'Urwego</p>	<p><u>Article 56:</u> The role of the Authority</p>	<p><u>Article 56 :</u> Rôle de l'Autorité</p>
<p><u>Ingingo ya 57:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza ngenderwaho</p>	<p><u>Article 57:</u> Repealing inconsistent provisions</p>	<p><u>Article 57 :</u> Abrogation des dispositions incompatibles</p>
<p><u>Ingingo ya 58:</u> Gutangira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 58:</u> Entry into force</p>	<p><u>Article 58 :</u> Entrée en vigueur</p>

<p>IMIRONGO NGENDERWAHO N° 001/CMA_G/2023 YO KU WA 29/03/2022 YO GUKUMIRA IYEZANDONKE NO GUTERA INKUNGA ITERABWOBA KU ISOKO RY’IMARI N’IMIGABANE</p> <p>Rushingiye ku Itegeko N° 057/2021 bis ryo ku wa 18/09/2021 rishyiraho Urwego rw’u Rwanda rushinzwe isoko ry’imari n’imigabane, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 7 n’iya 9;</p> <p>Rushingiye ku Itegeko N°01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry’imari n’imigabane mu Rwanda nk’uko ryahinduwe kugeza ubu;</p> <p>Rushingiye ku Itegeko N° 062/2021 ryo ku wa 14/10/2021 rigenga ibigega by’ishoramari by’abishyize hamwe;</p> <p>Rushingiye ku Itegeko N° 75/2019 ryo ku wa 29/01/2020 rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry’intwara za kirimbuzi, nk’uko ryahinduwe kugeza ubu;</p>	<p>GUIDELINES N° 001/CMA_G/2023 OF 29/03/2022 ON PREVENTION OF MONEY LAUNDERING AND TERRORISM FINANCING IN CAPITAL MARKETS GUIDELINES ON PREVENTION OF MONEY LAUNDERING AND TERRORISM FINANCING IN CAPITAL MARKETS</p> <p>Pursuant to the Law N° 057/2021 bis of 18/09/2021 establishing the Capital Market Authority of Rwanda especially in its articles 7 and 9;</p> <p>Pursuant to Law N° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date;</p> <p>Pursuant to the Law governing Collective Investment Schemes N° 062/2021 du 14/10/2021;</p> <p>Pursuant to Law N°75/2019 of 29/01/2020 on prevention and punishment of money laundering, financing of terrorism and financing of Proliferation of weapons of mass destruction, as modified to date;</p>	<p>DIRECTIVES N° 001/CMA_G/2023 DU 29/03/2022 SUR LA PRÉVENTION DU BLANCHIMENT D'ARGENT ET DU FINANCEMENT DU TERRORISME SUR LES MARCHÉS DE CAPITAUX</p> <p>Vu la loi N° 057/2021 bis du 18/09/2021 portant création de l’Autorité des Marchés de Capitaux du Rwanda, spécialement en ses articles 7 et 9 ;</p> <p>Vu la Loi N° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour ;</p> <p>Vu la loi N° 062/2021 du 14/10/2021 régissant les fonds d’investissement collectif</p> <p>Vu la Loi N° 75/2019 du 29/01/2020 portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive, telle que modifiée à ce jour;</p>
---	---	--

<p>Urwego rushinzwe isoko ry'imari n'imigabane, rwitwa "URWEGO" muri aya mabwiriza, rushyizeho imirongo ngenderwaho ikurikira:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO Z'IBANZE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iyi mirongo ngenderwaho igamije</u></p> <p>(1) Iyi mirongo ngenderwaho ishyizweho kugira ngo ifashe ibigo by'imari gusobanukirwa no kubahiriza ibisabwa n'ingamba mu gukumira iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi bikubiye mu:</p> <p>(a) Itegeko rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi, mu mategeko n'amabwiriza bifitanye isano;</p> <p>(b) no mu mikorere myiza ku rwego mpuzamahanga mu byerekeranye na AML/CFT</p>	<p>The Capital Market Authority hereinafter referred to as the "AUTHORITY", issues the following guidelines:</p> <p><u>CHAPTER ONE: PRELIMINARY</u></p> <p><u>Article one: Purpose of these guidelines</u></p> <p>(1) These guidelines are issued to guide financial institutions to understand and comply with applicable requirements and measures on prevention of money laundering, financing of terrorism and financing of Proliferation of weapons of mass destruction contained in:</p> <p>(a) the Law on prevention and punishment of money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction, related laws and regulations; and</p> <p>(b) AML/CFT international best practices.</p>	<p>L'Autorité du Marché des Capitaux, ci-après dénommée « AUTORITÉ », émet les directives suivantes :</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER: PRÉLIMINAIRES</u></p> <p><u>Article premier : Objet des présentes directives</u></p> <p>(1) Les présentes directives sont publiées afin d'aider les institutions financières à comprendre et à se conformer aux exigences et mesures applicables en matière de prévention du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive contenues dans :</p> <p>(a) la loi sur la prévention et la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive, les lois et règlements connexes ; et</p> <p>(b) les meilleures pratiques internationales en matière d'AML /CFT.</p>
---	--	--

<p>(2) Iyi mirongo ngenderwaho kandi igamije gufasha ibigo by'imari gukora ibyo bitezweho n'Urwego rushinzwe isoko ry'imari n'imigabane (CMA) n'Urwego Rushinzwe Ubutasi ku Mari (FIC) mu gushyira mu bikorwa imicungire y'ingorane zishobora kubaho mu kurwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></p> <p>Muri iyi mirongo ngenderwaho, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:</p> <p>(a) “AML” ni impine y'icyongereza ivuga kurwanya iyezandonke;</p> <p>(b) “Nyir'umutungo nyawe” bivuga umuntu ku giti cye utunze ku buryo nyakuri cyangwa se ugenzura umukiriya cyangwa undi muntu wese igikorwa cyakorewe. Harimo kandi abantu bagenzura by'ukuri umuryango ufite ubuzimagatozi cyangwa undi muryango ushingiyeye ku masezerano;</p>	<p>(2) These guidelines also intend to help financial institutions meeting the Capital Market Authority (CMA) and Financial Intelligence Center (FIC)'s expectations with regard to implementing AML/CFT risk management practices.</p> <p><u>Article 2: Interpretation</u></p> <p>In these guidelines, the following words and expressions shall have the meanings thereby assigned:</p> <p>(a) “AML” means anti-money laundering;</p> <p>(b) “Beneficial owner” means the natural person(s) who ultimately owns or controls a customer or the natural person on whose behalf a transaction is being conducted. It also includes those persons who exercise ultimate effective control over a legal person or legal arrangement;</p>	<p>(2) Ces directives ont également pour but d'aider les institutions financières à répondre aux attentes de l'Autorité des marchés financiers (CMA) et du Centre de renseignement financier (FIC) en ce qui concerne la mise en œuvre des pratiques de gestion des risques en matière d'AML/CFT.</p> <p><u>Article 2 : Interprétation</u></p> <p>Dans les présentes directives, les mots et expressions suivants ont les significations suivantes :</p> <p>(a) “AML” est une abréviation anglaise qui signifie lutte contre le blanchiment de capitaux ;</p> <p>(b) “Bénéficiaire effectif” désigne la personne physique qui possède ou contrôle en définitive un client ou la personne physique pour le compte de laquelle une transaction est effectuée. Cela inclut également les personnes qui exercent un contrôle ultime effectif sur une personne morale ou une construction juridique ;</p>
---	--	---

<p>(c) “Ikigo gifite ubuzima gatozi” bivuga ikigo gifite ubuzima gatozi cyashinzwe hakurikijwe amategeko y’igihugu cyangwa ubutaka bitari u Rwanda;</p> <p>(d) “CDD” ni impine y’icyongereza ivuga kumenya neza umukiriya;</p> <p>(e) “CFT” ni impine y’icyongereza ivuga kurwanya gutera inkunga iterabwoba;</p> <p>(f) “CMA” ni impine y’icyongereza ivuga Urwego rw’u Rwanda rushinzwe isoko ry’imari n’imigabane;</p> <p>(g) “ikigega cy’ishoramari cy’abishyize hamwe” bivuga ubwoko bw’ikigega gishingiye ku masezerano yo gukusanya no gushyira hamwe amafaranga y’abashoramari bacyo cyangwa ay’abagifitemo uruhare kugira ngo hakorwe ishoramari rigamije inyungu kuri buri wese muri bo uhagararirwa muri icyo kigega hashingiwe ku ngano y’imigabane afitemo;</p> <p>(h) “Umuyobozi” bivuga mu birebana n’ikigo gifite ubuzima gatozi, bivuga umuntu ugifitemo umwanya</p>	<p>(c) “Body corporate” means an entity constituted under the law of a country or territory outside Rwanda;</p> <p>(d) “CDD” means customer due diligence;</p> <p>(e) “CFT” means Counter Financing Terrorism;</p> <p>(f) “CMA” means Capital Market Authority of Rwanda;</p> <p>(g) “Collective Investment Scheme (CIS)” means a type of scheme where there is an arrangement for collecting and pooling funds from investors or participants for the purpose of investment in the interest of each participant or investor represented by his or her proportional ownership in the scheme;</p> <p>(h) “Director” means in relation to a body corporate, means a person occupying in relation to it the position of a director</p>	<p>(c) “Personne morale” désigne une personne morale constituée en vertu de la loi d’un pays ou d’un territoire situé hors du Rwanda ;</p> <p>(d) “CDD” est une abréviation anglaise signifiant vigilance à l’égard de la clientèle ;</p> <p>(e) “CFT” est une abréviation anglaise qui signifie lutte contre le financement du terrorisme;</p> <p>(f) “CMA” désigne L’Autorité des Marchés de Capitaux du Rwanda ;</p> <p>(g) “fonds d’investissement collectif” désigne type de fonds dans lequel il existe un accord de collecte et de mise en commun de fonds d’investisseurs ou de participants à des fins d’investissement dans l’intérêt de chaque participant ou investisseur représenté au prorata de sa participation dans le fonds ;</p> <p>(h) “Administrateur” désigne, par rapport à une personne morale, désigne une personne occupant à l’égard de celle-ci</p>
---	---	---

<p>w'umuyobozi (uko yakwitwa kose) ndetse n'undi muntu wese utanga amabwiriza (atari inama itangwa mu by'akazi) akunda gukurikizwa n'abayobozi b'icyo kigo;</p> <p>(i) “EDD” ni impine y'icyongereza ivuga ubushishozi bwinshi;</p> <p>(j) “FIC” ni impine y'icyongereza ivuga Urwego Rushinzwe Ubutasi ku Mari;</p> <p>(k) “gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kirimbuzi” bivuga:</p> <p>(i) gutanga umutungo cyangwa amafaranga yo gukora, gutunga, kugura, kubika, gutunganya, kohera, gucuruza, kugemura, guhererekanya, gutumiza mu mahanga, kohera mu mahanga, kwikorera cyangwa gukoresha intwara zihumanya, iz'uburozi, izica ibinyabuzima, n'ibindi bikoresho byateganywa, bifitanye isano n'izo ntwaro;</p> <p>(ii) gutanga amahugurwa ya tekiniki,</p>	<p>(by whatever name called) and any person in accordance with whose directions or instructions (not being advice given in a professional capacity) the directors of that body are accustomed to act;</p> <p>(i) “EDD” means enhanced due diligence;</p> <p>(j) “FIC” means the Financial Intelligence Centre;</p> <p>(k) “financing of the proliferation of weapons of mass destruction” means:</p> <p>(i) providing property or funds for the manufacture, production, possession, acquisition, stockpiling, development, transportation, sale, supply, transfer, import, export, transshipment or use of nuclear weapons, chemical weapons, biological weapons and such other materials, as may be prescribed, which are related to such weapons;</p> <p>(ii) providing technical training,</p>	<p>la fonction d'administrateur (quel que soit le nom qu'on lui donne) et toute personne dont les directives ou instructions (qui ne sont pas des conseils donnés à titre professionnel) sont ont l'habitude suivies par les administrateurs de cette personne morale;</p> <p>(i) “EDD” est une abréviation anglaise qui signifie diligence raisonnable renforcée;</p> <p>(j) “FIC” est une abréviation anglaise qui signifie Centre de renseignement financier ;</p> <p>(k) “financement de la prolifération des armes de destruction massive” désigne :</p> <p>(i) fourniture des biens ou fonds pour fabrication, production, possession, acquisition, stockage, développement, transport, vente, fourniture, transfert, importation, exportation, transbordement ou utilisation des armes nucléaires, chimiques, biologiques et autre matériel, tel que prescrit, qui se rapporte à ces armes ;</p> <p>(ii) fourniture d'une formation</p>
--	---	---

<p>umutungo cyangwa amafaranga, serivisi mu by'imari, inama, serivisi, ubuhuza cyangwa inkunga bifitanye isano n'imwe bu bikorwa bivugwa mu gace ka a;</p> <p>(l) gutera inkunga iterabwoba” bivuga:</p> <p>(i) igikorwa cy'umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzima gatozi, utanga, ukusanya cyangwa ucunga, cyangwa ubigerageza, akoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose, umutungo cyangwa amafaranga bifite inkomoko yemewe cyangwa itemewe n'amategeko, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, agamije kubikoresha cyangwa azi ko bizakoresha, byaba byose cyangwa igice cyabyo, igikorwa cy'iterabwoba, cyangwa bizakoresha n'umuterabwoba cyangwa umuryango w'iterabwoba;</p> <p>(ii) gutanga inama, inkunga y'inyigisho cyangwa amahugurwa hagamijwe gutanga ubushobozi n'ubumenyi azi ko bishobora cyangwa bigamije gukoresha mu gikorwa cy'iterabwoba no mu</p>	<p>property or funds, financial service, advice, service, brokering or assistance related to any of the activities specified under item a;</p> <p>(l) “financing of terrorism” means:</p> <p>(i) an act committed by a natural or legal person who by any means provides, collects or manages any property or funds whether from legitimate or illegitimate source, directly or indirectly, or attempts to do so, with the intention that they should be used or in the knowledge that they are to be used in whole or in part to carry out a terrorist act, or by a terrorist or by a terrorist organization;</p> <p>(ii) offering advice, financing of teaching or training in order to acquire skills and knowledge knowing that they may be used, or intended to be used for terrorism act and the financing of travelling</p>	<p>technique, des biens ou fonds, d'un service financier, d'un conseil, d'un service, d'un courtage ou d'une assistance relative à l'une des activités spécifiées au point a ;</p> <p>(l) “financement du terrorisme” désigne:</p> <p>(i) un acte commis par une personne physique ou morale qui, par quelque moyen que ce soit, fournit, collecte ou gère des biens ou des fonds provenant d'une source légitime ou illégitime, directement ou indirectement, ou tente de le faire, dans l'intention de les utiliser ou en sachant qu'ils seront utilisés en tout ou en partie pour réaliser un acte terroriste, ou par un terroriste ou par une organisation terroriste ;</p> <p>(ii) l'offre de conseils, le financement de l'enseignement ou de la formation en vue d'acquérir des compétences et des connaissances en sachant qu'elles peuvent être utilisées ou destinées à être utilisées pour un acte</p>
---	---	--

<p>gufasha abantu kujya mu bihugu bitari ibyaho cyangwa bitari ibyo babamo bagamije gukora cyangwa gutegura ibikorwa by'iterabwoba cyangwa kubigiramo uruhare cyangwa gutanga cyangwa guhabwa amahugurwa yerekeye iterabwoba;</p> <p>(m) “Ikigo cy'imari” bivuga umuntu wemewe cyangwa wahawe uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane n'Urwego rushinzwe isoko ry'Imari n'imigabane;</p> <p>(n) “Gukabiriza igiciro no guhenda” bivuga ubwoko bw'uburiganya bwo kuzamura igiciro cy'imigabane mu buryo bufifitse (gukabiriza) binyuze mu kugaragaza igiciro cy'imigabane mu buryo bw'ibinyoma, buyobya cyangwa bukabya. Umuriganya ashobora kwifashisha iryo zamuka rififitse ry'igiciro akagurisha vuba vuba imigabane ku giciro cyo hejuru (guhenda);</p> <p>(o) “Umuyobozi mukuru” bivuga abayobozi bo mu rwego rwo hejuru cyangwa umuyobozi w'ingenzi w'ikigo cy'imari. Abo barimo:</p>	<p>of individuals who travel to States other than their States or their States of residence for the purpose of the perpetration, planning or preparation of, or participation in terrorist acts, or the providing or receiving of terrorist training;</p> <p>(m) “Financial institution” means a person approved or licensed to conduct capital market business by the Capital Market Authority;</p> <p>(n) “Pump and dump” means a type of securities fraud that involves the artificial inflation (“pump”) of the price of a security through false, misleading, or exaggerated statements regarding the security's price. The fraudster can profit from the price inflation by quickly selling the securities at a high price (“dump”);</p> <p>(o) “Senior Manager” means the high-level management personnel or key executive of the financial institution. These include:</p>	<p>terroriste et le financement du voyage d'individus qui se rendent dans des États autres que leur État ou leur État de résidence dans le but de perpétrer, de planifier ou de préparer des actes terroristes ou d'y participer, ou de fournir ou de recevoir une formation terroriste ;</p> <p>(m) “Institution Financière” désigne une personne agréée ou autorisée à effectuer des activités du marché des capitaux par l'Autorité des Marchés de Capitaux ;</p> <p>(n) « Gonflage et largage » désigne un type de fraude en matière de valeurs mobilières qui implique l'inflation artificielle (« gonflage ») du prix d'une valeur mobilière par le biais de déclarations fausses, trompeuses ou exagérées concernant le prix de la valeur mobilière. Le fraudeur peut profiter de l'inflation du prix en vendant rapidement les titres à un prix élevé (« largage ») ;</p> <p>(o) “Cadre supérieur” désigne le personnel de direction de haut niveau ou le cadre clé de l'acteur du marché. Il s'agit notamment du :</p>
---	---	--

<p>(i) Umuyobozi Mukuru w’Ikigo;</p> <p>(ii) Umuyobozi mukuru uha raporo Inama y’Ubutegesi cyangwa Komite zayo; na</p> <p>(iii)Umuyobozi mukuru uha raporo Umuyobozi Mukuru w’Ikigo.</p> <p>(p) “Kuburira” bivuga igikorwa cy’umuntu uzi, ukeka cyangwa ufite impamvu zumvikana zo gukeka ko hari amakuru yamenyekanye, cyangwa ko abayobozi bafite icyo barimo gukora cyangwa bashaka gukora mu rwego rw’iperereza ryerekeye iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba, akabimenyesha umuntu ukekwa cyangwa undi muntu urebwa n’amakuru yamenyekanye, ikirimo gukorwa cyangwa igikorwa giteganyijwe;</p> <p>(q) “Kugurisha no kugura ibisa” bivuga ko ugurishije cyangwa ucuruje imigabane uhomba ariko mu minsi 30 mbere cyangwa nyuma yo kugurisha: (i) ukagura imigabane isa cyane, cyangwa (ii) ukabona mu bucuruzi busoreshwa imigabane isa cyane n’iyo wagurishije, cyangwa (iii) ukabona amasezerano</p>	<p>(i) Chief Executive Officer (CEO)/Managing Director (MD);</p> <p>(ii) Senior executive reporting to the Board or to its Committees; and</p> <p>(iii)Senior executive reporting to the Chief Executive Officer (CEO)/Managing Director (MD);</p> <p>(p) “Tipping of” means an act by which anyone who knows, suspects or has reasonable grounds to suspect that a disclosure has been made, or that the authorities are acting, or are proposing to act, in connection with an investigation into money laundering or terrorist financing, to inform the person who is the subject of a suspicion, or any third party of the disclosure, action or proposed action;</p> <p>(q) “Wash selling” means that you sell or trade securities at a loss and within 30 days before or after the sale you: (i) buy substantially identical securities, or (ii) acquire substantially identical securities in a fully taxable trade, or (iii) acquire a contract or option to buy substantially identical securities;</p>	<p>(i) Président directeur général (PDG)/Directeur général (DG) ;</p> <p>(ii) Cadre supérieur qui rend compte au Conseil d’administration ou à ses comités ; et</p> <p>(iii)Cadre supérieur qui rend compte au Président directeur général (PDG)/Directeur général (DG).</p> <p>(p) « alerte » désigne acte par lequel toute personne qui sait, soupçonne ou à des motifs raisonnables de soupçonner qu’une divulgation a été faite, ou que les autorités agissent, ou proposent d’agir, dans le cadre d’une enquête sur le blanchiment de capitaux ou le financement du terrorisme, d’informer la personne qui fait l’objet d’un soupçon, ou tout tiers de la divulgation, de l’action ou de l’action proposée ;</p> <p>(q) « vente fictive » signifie que vous vendez ou négociez des titres à perte et que, dans les 30 jours précédant ou suivant la vente, vous : (i) achetez des titres sensiblement identiques, ou (ii) acquérez des titres sensiblement identiques dans le cadre d’une transaction entièrement imposable, ou</p>
--	--	--

<p>cyangwa amahitamo yo kugura imigabane isa cyane;</p> <p><u>Ingingo ya 3: Ibigenwa n’iyi mirongo ngenderwaho</u></p> <p>Iyi mirongo ngenderwaho igaragaza bimwe mu bikurikira:</p> <p>(a) Inshingano z’ibigo by’imari zerekeye ibisabwa n’itegeko rirwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba n’Amabwiriza rusange n’imirongo ngenderwaho bya FIC ndetse n’imyanzuro y’Umuryango mpuzamahanga urwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba (FATF impine y’icyongereza);</p> <p>(b) Ibisabwa ibigo by’imari mu gushyira mu bikorwa imikorere rusange ishingiye ku ngorane zishobora kubaho mu gucunga ingorane zerekeye iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba; na</p> <p>(c) Uruhare rw’Inama y’Ubutegetsi y’ibigo by’imari, Ubuyobozi Bukuru n’abakozi mu gushyiraho ingamba zikwiye zo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga</p>	<p><u>Article 3: Scope of these guidelines</u></p> <p>These guidelines set out among others the following:</p> <p>(a) Obligations of financial institutions with respect to the requirements imposed under the Law on anti-money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction and FIC Regulations and Directives as well as the Financial Action Task Force (FATF) recommendations.</p> <p>(b) Requirements imposed to financial institutions in implementing a comprehensive risk-based approach in managing money laundering or financing of terrorism risks; and</p> <p>(c) Roles of financial institutions’ Board of Directors, Senior Management and staff in putting in place the relevant anti-money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation</p>	<p>(iii) acquérez un contrat ou une option d’achat de titres sensiblement identiques ;</p> <p><u>Article 3 : Champ d’application de ces directives</u></p> <p>Les présentes directives définissent entre autres les points suivants :</p> <p>(a) Les obligations des institution financières en ce qui concerne les exigences imposées par la loi sur la lutte contre le blanchiment d’argent et le financement du terrorisme et les règlements et directives du FIC ainsi que les recommandations du GAFI (Groupe d’action financière).</p> <p>(b) Les exigences imposées aux institution financières dans la mise en œuvre d’une approche globale basée sur le risque dans la gestion des risques de blanchiment et de financement du terrorisme ; et</p> <p>(c) Les rôles du Conseil d’administration, de la direction et du personnel des institution financières dans la mise en place des mesures pertinentes en matière de lutte contre le blanchiment</p>
--	--	--

<p>ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Abarebwa n'iyi mirongo ngenderwaho</p> <p>Iyi mirongo ngenderwaho ireba ibigo by'imari n'ibigega by'ishoramari by'abishyize hamwe byahawe uruhushya kandi bigenzurwa n'Urwego rushinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA).</p> <p><u>UMUTWE WA II: IBYEREKEYE IYEZANDONKE NO GUTERA INKUNGA ITERABWOBA</u></p> <p><u>Ingingo ya 5:</u> Imiterere rusange y'ieyzandonke</p> <p>(1) Iyezandonke rikorwa muri kimwe cyangwa ibyiciro 3 byose bikurikira:</p> <p>(a) Ishoramari: igikorwa aho umuntu ukora iyezandonke ashya, mu rwego rw'imari, inyungu ze zinyuranyije n'amategeko;</p> <p>(b) Kugerekeranya: igikorwa aho umuntu ukora iyezandonke akora ibikorwa</p>	<p>of weapons of mass destruction measures.</p> <p><u>Article 4: Applicability of these guidelines</u></p> <p>These guidelines are applicable to financial institutions and collective investment schemes licensed and supervised by the Capital Market Authority (CMA).</p> <p><u>CHAPTER II: ABOUT MONEY LAUNDERING AND FINANCING OF TERRORISM</u></p> <p><u>Article 5: General Description of Money laundering</u></p> <p>(1) The process of Money laundering is accomplished in one or in all the three following stages:</p> <p>(a) Placement: act by which a person engaged in money laundering introduces his or her illegal profits into the financial system;</p> <p>(b) Layering: act by which a person engaged in money laundering engages</p>	<p>de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive.</p> <p><u>Article 4 : Applicabilité de ces directives</u></p> <p>Les présentes directives s'appliquent aux institutions financières et aux fonds d'investissement collectif agréés et supervisés par l'Autorité des marchés de capitaux (CMA).</p> <p><u>CHAPITRE II : A PROPOS DU BLANCHIMENT DE CAPITAUX ET LE FINANCEMENT DU TERRORISME</u></p> <p><u>Article 5 : Description générale du blanchiment de capitaux</u></p> <p>(1) Le processus de blanchiment d'argent est accompli à travers un ou tous les 3 étapes suivants :</p> <p>(a) Placement : acte à travers lequel une personne se livrant au blanchiment d'argent introduit ses profits illégaux dans le système financier ;</p> <p>(b) La superposition : acte à travers lequel la personne impliquée dans le</p>
--	--	--

<p>byinshi byo kuvunja amafaranga cyangwa kuyahererekanya kugira ngo yitandukanye n'inkomoko yayo itemewe. Amafaranga ashobora kunyuzwa mu kugura no kugurisha inyandiko z'ishoramari;</p> <p>(c) Kwigaragaza nk'aho wubahiriza amategeko: igikorwa aho umuntu ukora iyezadonke agaragaza isura y'inyuma y'uko ubutunzi bwemewe n'amategeko kandi mu by'ukuri bwarakomotse ku cyaha. Iyo igikorwa cyo kugerekeranya cyagenze neza, gahunda yo kubahiriza amategeko isubiza ibyavuye mu iyezandonke mu bukungu bwemewe n'amategeko ku buryo bisubira mu rwego rw'imari bigaragara nk'amafaranga asanzwe mu bucuruzi.</p> <p>(2) Ibikorwa byinshi by'abantu bakora iyezandonke biciye mu bikorwa by'ishoramari, kugerekeranya no kwigaragaza nk'aho wubahiriza amategeko biburira ikigo ku gikorwa cy'icyaha.</p> <p>(3) Ishoramari, kugerekeranya no kwigaragaza nk'aho wubahiriza amategeko bishobora gukorwa bitandukanye no kuba mu byiciro bitandukanye. Bishobora kandi kubera icyarimwe cyangwa akenshi bigashorerana.</p>	<p>in a series of conversions or movements of the funds to distance them from their illegal source. The funds might be channelled through the purchase and sales of investment instruments;</p> <p>(c) Integration: act by which a person engaged in money laundering confers apparent legitimacy on a criminal heritage. If the layering process has succeeded, an integration scheme places the laundered proceeds back into the legitimate economy in such a way that they re-enter the financial system appearing as normal business funds.</p> <p>(2) Numerous transactions by the persons engaged in money laundering through the act of placement, layering and integration alert an institution of the criminal activity</p> <p>(3) The placement, layering and integration may occur as separate and distinct phases. Alternatively, they may occur simultaneously or, more commonly, they may overlap. The use of placement,</p>	<p>blanchiment d'argent s'engage dans une série de conversions ou de mouvements des fonds pour les éloigner de leur source illégale. Les fonds peuvent être acheminés par l'achat et la vente d'instruments de placement ;</p> <p>(c) Intégration : acte à travers lequel une personne engagée dans le blanchiment d'argent confère une légitimité apparente à la richesse d'origine criminelle. Si le processus de superposition a réussi, un schéma d'intégration remplace les produits blanchis dans l'économie légitime de telle sorte qu'ils réintègrent le système financier en apparaissant comme des fonds commerciaux normaux.</p> <p>(2) De nombreuses transactions effectuées par les personnes impliquées dans le blanchiment d'argent à travers l'acte de placement, superposition et intégration alertent une institution de l'activité criminelle.</p> <p>(3) Le placement, la superposition et l'intégration peuvent être des phases séparées et distinctes. Alternativement, elles peuvent aussi se dérouler simultanément ou, plus fréquemment, se chevaucher.</p>
---	--	--

<p>Gukoresha ishoramari, kugerekeranya no kwigaragaza nk'aho wubahiriza amategeko biterwa n'uburyo bw'iyezandonke buhari n'ibisabwa n'imiryango y'abagizi ba nabi.</p>	<p>layering and integration depends on the available laundering mechanisms and the requirements of the criminal organizations.</p>	<p>L'utilisation du placement, de la superposition et de l'intégration dépend des mécanismes de blanchiment disponibles et des exigences des organisations criminelles.</p>
<p><u>Ingingo ya 6: Iyezandonke ku isoko ry'imari n'imigabane</u></p>	<p><u>Article 6: Money laundering in the capital markets industry</u></p>	<p><u>Article 6 : Blanchiment d'argent sur les marchés de capitaux</u></p>
<p>(1) Iyezandonke ku isoko ry'imari n'imigabane rishobora gukorwa mu byiciro byose uko ari 3 byavuzwe mu ngingo ya 5. Kubera ko amasoko y'imari n'imigabane atagishingiye ku mafaranga afatika, ashobora gukoreshwa cyane mu cyiciro cyo kugerekeranya aho gukoreshwa mu cyiciro cy'ishoramari cy'iyezandonke.</p>	<p>(1) Money laundering in the capital markets industry can take place in all the 3 stages mentioned under article 5. As capital markets are no longer predominantly cash based, they are more likely to be used in the layering stage rather than placement stage of money laundering.</p>	<p>(1) Le blanchiment d'argent sur les marchés de capitaux peut se dérouler dans les 3 phases mentionnées dans l'article 5. Comme les marchés de capitaux ne sont plus principalement basés sur l'argent liquide, ils sont plus susceptibles d'être utilisés dans la phase de superposition plutôt que dans la phase de placement du blanchiment d'argent.</p>
<p>(2) Icyakora, iyo hakoreshwa amafaranga afatika, haba hari ingorane ko amasoko y'imari n'imigabane ashobora gukoreshwa ku cyiciro cy'ishoramari.</p>	<p>(2) However, where the transactions are in cash, there is still the risk of capital markets being used at the placement stage.</p>	<p>(2) Toutefois, lorsque les transactions se font en espèces, il existe toujours un risque que les marchés des capitaux soient utilisés au stade du placement.</p>
<p>(3) Amasoko y'imari n'imigabane afite ubushobozi butandukanye bwo guhindura amafaranga akavamo imitungo itandukanye. Ku byerekeye imitungo ifatika, ituma habaho ibikorwa byinshi bifasha mu gikorwa cyo kugerekeranya. Kubera iyo mpamvu, amasoko y'imari n'imigabane akurura abantu bakora iyezandonke, bashobora gushyiramo</p>	<p>(3) Capital markets offer a vast array of opportunities for transforming money into a diverse range of assets. For liquid assets, they allow a high frequency of transactions which aid the layering process. Hence, capital markets are particularly attractive to persons engaged in money laundering for layering their illicit proceeds for eventual integration into the general economy.</p>	<p>(3) Les marchés des capitaux offrent un large éventail de possibilités pour transformer l'argent en une gamme variée d'actifs. Pour les actifs liquides, ils permettent une fréquence élevée de transactions qui facilitent le processus de superposition. Par conséquent, les marchés des capitaux sont particulièrement attrayants pour les personnes impliquées dans le blanchiment</p>

<p>ibicuruzwa byabo bitemewe n'amategeko kugira ngo byinjizwe mu bukungu rusange.</p> <p>(4) Mu miterere yayo, amasoko y'imari n'imigabane ni mpuzamahanga kandi, kubera iterambere rigenda riyongera ry'ikoranabuhanga, iry'uburyo bwo kwishyurana n'iry'uburyo bwo kugera ku masoko mu buryo butaziguye, kuba ubwo buryo bwihuta kandi bukoreshwa mu mazina y'abantu batazwi bituma bukoreshwa n'abantu bakora iyezandonke.</p>	<p>(4) The capital markets are global in nature and with the increasing developments in technology, payment systems, and other direct gateways into the markets, the speed and the relative anonymity of these avenues make them an option for persons engaged in money laundering.</p>	<p>d'argent, qui peuvent y déposer leurs produits illicites en vue d'une éventuelle intégration dans l'économie générale.</p> <p>(4) Les marchés des capitaux sont mondiaux par nature et, avec les développements croissants de la technologie, des systèmes de paiement et d'autres accès directs aux marchés, la rapidité et l'anonymat relatif de ces voies en font une option pour les personnes impliquées dans le blanchiment d'argent.</p>
<p><u>Ingingo ya 7: Kunguka amafaranga atemewe n'amategeko aturutse mu isoko</u></p>	<p><u>Article 7: Generation of illicit funds from the market</u></p>	<p><u>Article 7 : Génération des fonds illicites à partir du marché</u></p>
<p>(1) Amasoko y'imari n'imigabane afite ikindi kibazo cyatuma akoreshwa mu iyezandonke kuko ashobora gukoreshwa mu iyezandonke rikomoka mu bikorwa bitemewe n'amategeko bikorerwa hanze y'amasoko y'imari kandi akaba ashobora gukoreshwa mu kunguka amafaranga atemewe n'amategeko aturutse mu isoko ubwaryo, nko mu gucuruza wamenye ibanga.</p>	<p>(1) The capital markets have an additional distinguishing money laundering risk factor in that not only can it be used to launder illicit funds that result from illegal activity outside of the financial markets but it can also be used to generate illicit funds from the market itself, for example, in cases of insider trading.</p>	<p>(1) Les marchés de capitaux présentent un facteur de risque supplémentaire en matière de blanchiment d'argent, dans la mesure où ils peuvent non seulement être utilisés pour blanchir des fonds illicites résultant d'une activité illégale en dehors des marchés financiers, mais aussi pour générer des fonds illicites à partir du marché lui-même, par exemple dans les cas de délits d'initiés.</p>
<p>(2) Ibikorwa bishobora gutera ingorane ikomeye ku isoko ry'imari n'imigabane birimo:</p>	<p>(2) Factors presenting money laundering higher risk in the capital markets might include:</p>	<p>(2) Les facteurs présentant un risque plus élevé de blanchissement d'argent sur le marché des capitaux peuvent inclure :</p>

<p>(a) Serivisi zifite imiterere ituma abazikoresha batamenyekana;</p> <p>(b) Ubushobozi bwo guhuriza hamwe amafaranga y'abakiriya, ibigega by'ishoramari by'abishyize hamwe, ubwizerane mu ishoramari mu by'ubwubatsi, ibigega by'ubwisungane;</p> <p>(c) Imitungo ifatika minini ku buryo kuyitahura bikomeye kurusha gutahura ibikorwa binyuranyije n'amategeko birebana n'imitungo idafatika muke;</p> <p>(d) amasezerano akozwe binyuze mu isoko ry'imari n'imigabane aba ashobora guteza ingorane kubera abantu bakora iyezandonke baba bashobora kuyajyamo mu buryo bworoshye binyuze mu bahuza, kubera imiterere rusange y'amasoko y'imari n'imigabane, kubera ubwinshi bw'ibikorwa bikorerwa ku isoko ry'imari n'imigabane bigoye gukurikiranwa no kubera ubushobozi bwo kwinjira no gusoshoka vuba mu masoko.</p> <p>(3) Abantu bakora iyezandonke bashobora gukora amasezerano yo kugura cyangwa</p>	<p>(a) services that inherently have provided more anonymity;</p> <p>(b) ability to pool underlying customers' funds, collective investment schemes, real estate investment trusts, mutual funds, among others;</p> <p>(c) liquid securities with high volumes so that ease of detection is much less than illiquid securities where volumes are lower and therefore irregularities are easier to detect;</p> <p>(d) options contracts which are executed through an exchange are risky due to the relative ease of access by persons engaged in money laundering via brokers, the global nature of exchanges, the volume of transactions conducted on an exchange which present monitoring challenges and the ability to rapidly enter and exit the markets.</p> <p>(3) Persons engaged in money laundering can buy or sell futures via brokers thus layering</p>	<p>(a) les services qui, par nature, ont offert un plus grand anonymat ;</p> <p>(b) la possibilité de mettre en commun les fonds des clients sous-jacents, les fonds d'investissement collectif, les sociétés d'investissement immobilier, les fonds communs de placement, entre autres ;</p> <p>(c) les titres liquides avec des volumes élevés de sorte que la facilité de détection est bien moindre que les titres illiquides où les volumes sont plus faibles et où les irrégularités sont donc plus faciles à détecter ;</p> <p>(d) les contrats d'options qui sont exécutés par l'intermédiaire d'une bourse d'échange sont risqués en raison de la facilité d'accès relative des personnes impliquées dans le blanchiment d'argent par l'intermédiaire de courtiers, de la nature globale des bourses, du volume des transactions effectuées sur une bourse qui présentent des défis de surveillance et de la capacité d'entrer et de sortir rapidement des marchés.</p> <p>(3) Les personnes impliquées dans le blanchiment d'argent peuvent conclure des</p>
---	--	--

<p>kugurisha amasezerano azashyirwa mu bikorwa mu gihe kizaza binyuze mu bahuza bakagerekeranya ibikorwa ku isoko ry'imari n'imigabane. Babikora banyuze mu gufata urwunguko rwinshi cyangwa igohombo kinini mu gutanga amafaranga atemewe n'amategeko kugira ngo babone amafaranga y'inyongera asabwa n'ikigo cy'imari mu gihe umutungo wo kuri konti y'umukiriya wagiye munsu y'ikigero gisabwa. Bashobora kandi kunguka cyangwa guhomba igihe cyose kubera ko gusohoka mu isoko byoroshye nko kuryinjiramo, bityo bigatuma bashobora kwisubiza ingwate no kugarura amafaranga mu rwego rw'imari rusanze asa n'aho yemewe n'amategeko. Umuyoboro wo gukwirakwiza ibicuruzwa ushobora guhindura imiterere y'ingorane umukirirya ashobora guhura na yo kandi ushobora kubamo kugurisha hakoreshejwe ikoranabuhanga, gukoresha iposita cyangwa telefone, ku buryo gufungura konti bikorwa bitabaye ngombwa ko abantu babonana amaso ku maso. Ibigurishwa binyuze ku bahuza mu isoko bashobora kongera ingorane zishobora kubaho, kuko imibanire y'ubucuruzi hagati y'umushoramari n'ikigo cy'imari ishobora kuba iziguye.</p>	<p>transactions on Exchanges. This is done through taking large positions and providing illicit funds to cover margin calls. They can also realize profits or losses at any time since exiting the market is as simple as entering into the reverse transaction, thus recouping outstanding margin deposits and bringing the funds back into the broader financial system with seeming legitimacy. The distribution channel for products may alter the risk profile of a customer and may include online sales, postal or telephone channels where a non-face-to-face account opening approach is used. Business sold through intermediaries may also increase risk as the business relationship between the investor and a financial institution may become indirect.</p>	<p>contrats d'achat ou de vente à terme par l'intermédiaire d'une bourse d'échange, ce qui permet de superposer les transactions sur les marchés boursiers. Pour ce faire, elles prennent des positions importantes et fournissent des fonds illicites pour couvrir les appels de marge. Elles peuvent également réaliser des profits ou des pertes à tout moment, car sortir du marché est aussi simple que d'effectuer une transaction inverse, ce qui permet de récupérer les dépôts de garantie en cours et de ramener les fonds dans le système financier général avec une légitimité apparente. Le canal de distribution des produits peut modifier le profil de risque d'un client et peut inclure des ventes en ligne, des canaux postaux ou téléphoniques où une approche d'ouverture de compte sans face à face est utilisée. Les affaires vendues par des intermédiaires peuvent également augmenter le risque, car la relation commerciale entre l'investisseur et une institution Financière peut devenir indirecte.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 8:</u> Umwihariko mu gushishoza gihe konti zifunguriwe ahantu hakurikijwe ibanga rya banki cyangwa amabwiriza yo kugira ibanga bikaze</p> <p>(1) Konti z'ibigega by'ubwizerane, abahagarariye abandi n'abacunga iby'abandi ni inzira rusange y'abagizi ba nabi badashaka kunyura mu nzira zatumye bamenyekana, bagashaka guhisha inkomoko y'amafaranga akomoka ku bikorwa by'ubugizi bwa nabi bashaka gusuhira mu iyezandonke. icyakora, umwihariko ni ngombwa mu gushishoza mu gihe konti zifunguriwe ahantu hakurikijwe ibanga rya banki cyangwa amabwiriza yo kugira ibanga bikaze.</p> <p>(2) Iyo ikigo cy'imari kitagenzuye mbere umwirondoro w'ucunga iby'abandi cyangwa iyo nta mishyikirano aheruka kugirana n'ucunga iby'abandi, hagomba kuba igenzura ry'umwirondoro ry'ucunga iby'abandi cyangwa abacunga iby'abandi bose iyo ari benshi, bigakorwa hakurikijwe amabwiriza ateganywa n'amabwiriza ya FIC yo kurwanya iyezandonke/kurwanya gutera inkunga iterabwoba.</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Gutera inkunga iterabwoba</p> <p>Abaterabwoba cyangwa imiryango</p>	<p><u>Article 8:</u> Particular care needs to be exercised when the accounts are set up in locations with strict bank secrecy or confidentiality rules</p> <p>(1) Trust, nominee and fiduciary accounts are a popular vehicle for criminals wishing to avoid the identification procedures and mask the origin of the money accrued from criminal activities they wish to launder. However, particular care needs to be exercised when the accounts are set up in locations with strict bank secrecy or confidentiality rules.</p> <p>(2) Where the financial institution has not previously verified the identity of a trustee or has no current relationship with a trustee, verification of the identity of the trustee or where there are several trustees, the identity of all the trustees should be undertaken in line with the normal procedures to be prescribed by relevant FIC regulations on AML/CFT.</p> <p><u>Article 9:</u> Financing of terrorism</p> <p>Terrorists or terrorist organizations require</p>	<p><u>Article 8 :</u> Particulièrement prudent lorsque les comptes sont ouverts dans des endroits où le secret bancaire ou les règles de confidentialité sont stricts</p> <p>(1) Les comptes fiduciaires, les comptes de prête-nom et les comptes fiduciaires sont un véhicule populaire pour les criminels qui souhaitent éviter les procédures d'identification et masquer l'origine de l'argent provenant d'activités criminelles qu'ils souhaitent blanchir. Toutefois, il convient d'être particulièrement prudent lorsque les comptes sont ouverts dans des endroits où le secret bancaire ou les règles de confidentialité sont stricts.</p> <p>(2) Lorsque l'institution Financière n'a pas vérifié auparavant l'identité d'un fiduciaire ou n'a pas de relation actuelle avec un fiduciaire, la vérification de l'identité du fiduciaire ou, lorsqu'il y a plusieurs fiduciaires, de l'identité de tous les fiduciaires, doit être entreprise conformément aux procédures normales prescrites par les réglementations pertinentes du FIC en matière d'AML/CFT.</p> <p><u>Article 9 :</u> Financement du terrorisme</p> <p>Les terroristes ou les organisations terroristes</p>
--	--	---

<p>y'iterabwoba bakeneye inkunga y'amafaranga kugira ngo bagere ku ntego zabo. Akenshi bakenera guhisha isano bafitanye hagati yabo cyangwa bafitanye n'ababatera inkunga y'amafaranga. Bityo udutsiko tw'iterabwoba tugomba kubona uburyo bwo gushyira mu iyezadonke amafaranga yatwo ku isoko ry'imari n'imigabane, yaba akomoka mu nzira zemewe n'amategeko cyangwa zitemewe n'amategeko, kugira ngo dushobore kuyakoresha abayobozi batabyitayeho.</p>	<p>financial support in order to achieve their aims. There is often a need for them to obscure or disguise links between them and their funding sources. It follows then that terrorist groups shall similarly find ways to launder funds through the capital markets, regardless of whether the funds are from a legitimate or illegitimate source, in order to be able to use them without attracting the attention of the authorities.</p>	<p>ont besoin d'un soutien financier pour atteindre leurs objectifs. Il leur est souvent nécessaire de masquer ou de déguiser les liens entre eux et leurs sources de financement. Il s'ensuit que les groupes terroristes doivent également trouver des moyens de blanchir des fonds sur le marché des capitaux, qu'ils proviennent d'une source légitime ou illégitime, afin de pouvoir les utiliser sans attirer l'attention des autorités.</p>
<p>UMUTWE WA III: IMIRONGO NGENDERWAHO MU GUKUMIRA IYEZANDONKE NO GUTERA INKUNGA ITERABWOBA</p>	<p>CHAPTER III: GUIDELINES ON PREVENTION OF MONEY LAUNDERING AND TERRORISM FINANCING</p>	<p>CHAPITRE III : DIRECTIVES SUR LA PRÉVENTION DU BLANCHIMENT DE CAPITAUX ET DU FINANCEMENT DU TERRORISME</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Inshingano z'Inama y'Ubutegetsi n'iz'Ubuyobozi Bukuru</p>	<p><u>Article 10:</u> Responsibilities of the Board of Directors and Senior Management</p>	<p><u>Article 10 :</u> Responsabilités du conseil d'administration et de la direction générale</p>
<p>(1) Inama y'Ubutegetsi y'ikigo cy'imari ifite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) Gushyiraho politiki n'ibigomba gukurikizwa bikwiye mu gutahura no gukumira iyezadonke no gutera inkunga iterabwoba no gukurikirana ko bikora neza; no</p> <p>(b) Kugenzura ko ikigo cy'imari</p>	<p>(1) The Board of Directors of a financial institution shall be responsible for the following:</p> <p>(a) establishment of appropriate policies and procedures for the detection and prevention of money laundering and terrorist financing and ensuring their effectiveness; and</p> <p>(b) ensure that the financial institution's</p>	<p>(1) Le conseil d'administration d'une institution Financière est responsable de ce qui suit :</p> <p>(a) établir des politiques et procédures appropriées pour la détection et la prévention du blanchiment de capitaux et du financement du terrorisme et s'assurer de leur efficacité ; et</p> <p>(b) veiller à ce que l'institution Financière</p>

<p>cyubahiriza ayo mabwiriza, Itegeko rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intworo za kirimbuzi kimwe n'ibindi byose bisabwa mu rwego rw'amategeko n'ubugenzuzi.</p>	<p>compliance with these Guidelines, the Law on prevention and punishment of money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction and all other related legal and regulatory requirements.</p>	<p>respecte les présentes directives, la loi sur la prévention et la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive, ainsi que toutes les autres exigences légales et réglementaires connexes.</p>
<p>(2) Ikigo cy'imari gishyiraho kandi kigashyira mu bikorwa ubugenzuzi bw'imbere n'ibindi bikurikizwa bibuza abakora ibyaha gukoresha ibikorwaremezo bye mu bikorwa by'yezandonke no gutera inkunga iterabwoba kandi akagenzura ko ibikorwa bye byubahiriza amategeko akurikizwa kandi bikajyana n'imyitwarire myiza akanabuzza itangwa rya serivisi igihe hari impamvu zumvikana zatuma umuntu akeka ko ibikorwa by'imari bye bijyanye n'yezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba.</p>	<p>(2) A financial institution shall formulate and implement internal controls and other procedures that will deter criminals from using its facilities for money laundering and terrorist financing and ensure that business is conducted in conformity with applicable Laws and high ethical standards and that service is not provided where there is good reason to suppose that transactions are associated with money laundering activities or terrorist financing.</p>	<p>(2) Une institution Financière doit formuler et mettre en œuvre des contrôles internes et d'autres procédures qui dissuaderont les criminels d'utiliser ses installations pour le blanchiment d'argent et le financement du terrorisme, et veilleront à ce que les activités soient menées conformément aux lois applicables et à des normes éthiques élevées, et à ce que les services ne soient pas fournis lorsqu'il y a de bonnes raisons de supposer que les transactions sont associées à des activités de blanchiment d'argent ou de financement du terrorisme.</p>
<p>(3) Ikigo cy'imari akorana mu buryo bwimbitse n'inzego zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko n'inzego z'ubugenzuzi bireba kandi afata ibyemezo bikwiye bijyanye no guha amakuru Urwego Rushinzwe Ubutasi ku Mari n'izindi nzego zishinzwe kubahiriza amategeko.</p>	<p>(3) A financial institution shall co-operate fully with the Law enforcement agencies and relevant regulatory bodies, and shall take appropriate measures to disclose information to the Financial Intelligence Center and other enforcement agencies.</p>	<p>(3) Une institution Financière doit coopérer pleinement avec les organismes chargés de l'application de la loi et les organismes de réglementation compétents, et doit prendre les mesures appropriées pour divulguer des informations au centre de renseignement financier et aux autres organismes chargés de l'application de la loi.</p>

<p>(4) Ikigo cy'imari avugurura politiki ze, inzira zikurikizwa n'ubugenzuzi bwe byibura buri myaka 3 kugirango bibashe gukora neza nk'uko bisabwa n'amabwiriza rusange.</p>	<p>(4) A financial institution shall review its policies, procedures and controls at least once in every 3 years to ensure their effectiveness as required by the Regulations.</p>	<p>(4) L'institution Financière doit revoir ses politiques, procédures et contrôles au moins une fois tous les 3 ans pour s'assurer de leur efficacité, comme l'exige le Règlement.</p>
<p><u>Ingingo ya 11: Uburyo bushingiye ku ngorane zishobora kuvuka</u></p>	<p><u>Article 11: Risk-Based Approach</u></p>	<p><u>Article 11 : Approche fondée sur le risque</u></p>
<p>(1) Ikigo cy'imari kireba, kigasuzuma kandi kigafata ibyemezo bikwiye bigamije kugabanya ingorane zishobora kuvuka zijyanye n'iyezandonke kandi kigakoresha uburyo bwagutse bwo gusuzuma izo ngorane kandi kikarinda gukoresha uburyo bwo kwiharira amakuru mu gihe cyo gusuzuma isano iri hagati y'ingorane.</p>	<p>(1) A financial institution shall identify, assess and take effective action to mitigate money laundering risks and adopt a holistic approach to the Risk-Based Approach and should avoid a silo approach when assessing the relationship between risks.</p>	<p>(1) Une institution Financière doit identifier, évaluer et prendre des mesures efficaces pour atténuer les risques de blanchiment d'argent et adopter une approche holistique de l'approche fondée sur le risque et doit éviter une approche en silo lors de l'évaluation de la relation entre les risques.</p>
<p>(2) Ikigo cy'imari gishobora gusuzuma ingorane zishobora kuvuka zijyanye n'iyezandonke zishingiye ku bakiriya ku giti cyabo ashiraho igipimo cy'ingorane zijyanye n'iyezandonke ku bakiriya be.</p>	<p>(2) A financial institution may assess the money laundering risks of individual customers by assigning money laundering risk rating to their customers.</p>	<p>(2) Une institution Financière peut évaluer les risques de blanchiment de capitaux de ses clients individuels en leur attribuant une note de risque de blanchiment de capitaux.</p>
<p>(3) Iyo isuzuma rigaragaje ko abakiriya bashobora guteza ingorane nyinshi zijyanye n'iyezandonke, ikigo cy'imari afata ingamba zihanitse zo gucunga no koroshya izo ngorane. Iyo izo ngorane zoroshye, hafatwa ibyemezo byoroshye. Ibyemezo byoroshye birimo kugabanya</p>	<p>(3) Where customers are assessed to be of higher money laundering risk, a financial institution shall take enhanced measures to manage and mitigate those risks. Where the risks are lower, simplified measures may be applied. Simplified measures include reducing the frequency of customer</p>	<p>(3) Lorsque les clients sont évalués comme présentant un risque de blanchiment de capitaux plus élevé, une institution Financière doit prendre des mesures renforcées pour gérer et atténuer ces risques. Lorsque les risques sont moins élevés, des mesures simplifiées peuvent être</p>

<p>inshuro guhuza n'igihe ibiranga umukiriya bikorerwa cyangwa kugabanya ikigero cy'ikurikirana rihoraho no kugenzura ibikorwa by'imari hashingiwe ku ngano yumvikana y'amafaranga agenwa.</p> <p>(4) N'ubwo ari nta ngingo zijyanye n'ibishobora guteza ingorane zihari zumvikanyweho kandi hakaba ari nta n'uburyo bumwe bukoreshwa mu gupima ingorane zijyanye n'iyezandonke zishobora gukomoka ku bakiriya, ikigo cy'imari yita kuri ibi bikurikira:</p> <p>(a) Ku bijyanye n'ingorane zishobora kuvuka zishingiye ku gihugu, abakiriya batuye cyangwa bafite aho bahuriye n'ibihugu bifite ingorane nyinshi, urugero:</p> <p>(i) Ahantu byagaragaye ko ari ahantu hadakora neza mu bijyanye no kurwanya iyezandonke;</p> <p>(ii) Ibihugu byafatiwe ibihano, byafatiwe ibyemezo cyangwa bimeze nka byo, urugero Umuryango w'Abibumbye;</p>	<p>identification updates or reducing the degree of ongoing monitoring and scrutinizing transactions, based on a reasonable monetary threshold.</p> <p>(4) While there is no agreed upon set of risk factors and no single methodology to apply these risk factors in determining the money laundering risk rating of customers, a financial institution shall consider the following factors:</p> <p>(a) In relation to country risk, customers with residence in or connection with high-risk jurisdictions for example:</p> <p>(i) those that have been identified as jurisdictions with strategic AML deficiencies;</p> <p>(ii) countries subject to sanctions, embargos or similar measures issued by, for example, the United Nations;</p>	<p>appliquées. Les mesures simplifiées comprennent la réduction de la fréquence des mises à jour de l'identification des clients ou la réduction du degré de surveillance continue et d'examen des transactions, sur la base d'un seuil monétaire raisonnable.</p> <p>(4) Bien qu'il n'y ait pas d'ensemble convenu de facteurs de risque ni de méthodologie unique pour appliquer ces facteurs de risque dans la détermination de la cote de risque de blanchiment de capitaux des clients, une institution Financière doit prendre en compte les facteurs suivants :</p> <p>(a) En ce qui concerne le risque pays, les clients ayant une résidence ou un lien avec des juridictions à haut risque, par exemple :</p> <p>(i) celles qui ont été identifiées comme des juridictions présentant des insuffisances stratégiques en matière d'AML ;</p> <p>(ii) les pays faisant l'objet de sanctions, d'embargos ou de mesures similaires émises, par exemple, par les Nations Unies ;</p>
--	--	--

<p>(iii)Ibihugu birangwamo ruswa nyinshi; cyangwa</p> <p>(iv)Ibihugu bikekwaho cyane kuba bifite aho bihuriye n'ibikorwa by'iterabwoba.</p> <p>(b) Mu gusuzuma ingorane zishobora kuvuka zifitanye isano n'umukiriya kandi zishingiye ku gihugu, hashingirwa ku makuru ava mu Muryango w'Abibumbye, Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari, Banki y'Isi, n'ahandi no ku bunararibonye bw'Ikigo cy'imari cyangwa ubunararibonye bw'izindi nzego z'itsinda runaka ikigo cy'imari abamo nk'umwe mu bagize itsinda rihuza ibihugu byinshi, rishobora kuba ryaragaragaje intege nke mu bindi bihugu.</p> <p>(c) Ingero z'abakiriya bashobora gufatwa nk'abatateza ingorane nyinshi mu rwego rw'iyezandonke ni:</p> <p>(i) Abakiriya bafite akazi cyangwa binjiza amafaranga mu buryo buhoraho akomoka ahantu hemewe akaba ashyigikiye igikorwa kigiye gukorwa;</p>	<p>(iii)countries which are vulnerable to corruption; or</p> <p>(iv)countries that are believed to have strong links to terrorist activities.</p> <p>(b) In assessing country risk associated with a customer, consideration may be given to data available from the United Nations, the International Monetary Fund, the World Bank, among others and the financial institution's own experience or the experience of other group entities where the financial institution is part of a multi-national group, which may have indicated weaknesses in other jurisdictions.</p> <p>(c) The following are examples of customers who might be considered to carry lower money laundering risks:</p> <p>(i) customers who are employed or with a regular source of income from a known legitimate source which supports the activity being undertaken;</p>	<p>(iii)les pays qui sont vulnérables à la corruption ; ou</p> <p>(iv)des pays dont on pense qu'ils ont des liens étroits avec des activités terroristes.</p> <p>(b) Lors de l'évaluation du risque pays associé à un client, il peut être tenu compte des données disponibles auprès des Nations Unies, du Fonds monétaire international, de la Banque mondiale, entre autres, et de la propre expérience de l'institution Financière ou de l'expérience d'autres entités du groupe lorsque l'institution Financière fait partie d'un groupe multinational, qui peuvent avoir indiqué des faiblesses dans d'autres juridictions.</p> <p>(c) Voici quelques exemples de clients qui peuvent être considérés comme présentant un risque moindre de blanchiment d'argent :</p> <p>(i) les clients qui ont un emploi ou une source de revenu régulière provenant d'une source légitime connue qui soutient l'activité entreprise ;</p>
--	--	---

<p>(ii) Abakiriya bafite izina ryiza, urugero sosiyete ya Leta cyangwa y'abikorera izwi neza, yizewe, ifite amateka maremara kandi itangwaho amakuru n'inzego zigenga harimo n'amakuru arebana na ba nyirayo n'imigenzurire yayo; cyangwa</p> <p>(iii) Urwego rwa Leta.</p> <p>(d) Abakiriya bamwe na bamwe, bitewe n'imiterere yabo cyangwa imyitwarire yabo bashobora kugaragara nk'abashobora guteza ingorane nyinshi zijyanye n'iyezandonke. Impamvu zabitera ni:</p> <p>(i) Umuntu ushobora guhura n'ibibazo bifitanye isano na politiki, cyangwa kuba imyitwarire rusange y'umukiriya igaragaza ko agira uruhare cyangwa afitanye isano n'abantu bashobora kugira ibibazo bijyanye na politiki;</p> <p>(ii) Abantu bafite imikoranire ikomeye n'abandi harimo imikoreshereze y'inzego n'amasezerano y'ubwizerane n'amasosiyete;</p>	<p>(ii) the positive reputation of the customer, e.g., a well-known, reputable public or private company, with a long history that is well documented by independent sources, including information regarding its ownership and control; or</p> <p>(iii) a public entity.</p> <p>(d) Some customers, by their nature or behaviour might present a higher risk of money laundering. Factors might include:</p> <p>(i) a politically exposed person, or the public profile of the customer indicating involvement with, or connection to, politically exposed persons;</p> <p>(ii) complexity of the relationship, including use of corporate structures and trusts;</p>	<p>(ii) la réputation positive du client, par exemple, une société publique ou privée bien connue et réputée, avec un long historique bien documenté par des sources indépendantes, y compris des informations concernant sa propriété et son contrôle ; ou</p> <p>(iii) une entité publique.</p> <p>(d) Certains clients, de par leur nature ou leur comportement, peuvent présenter un risque plus élevé de blanchiment d'argent. Ces facteurs peuvent être les suivants</p> <p>(i) une personne politiquement exposée, ou le profil public du client indiquant une implication avec, ou un lien avec, des personnes politiquement exposées ;</p> <p>(ii) la complexité de la relation, y compris l'utilisation de structures d'entreprise et de trusts ;</p>
---	--	---

<p>(iii) Abantu basaba gukoresha amakonti agizwe n'imibare cyangwa gukoresha amabanga ahanitse mu bikorwa by'imari;</p> <p>(iv) Abantu bajya mu bikorwa bikoresha amafaranga menshi;</p> <p>(v) Imiterere, ingano, n'ahantu hakorerwa ibikorwa by'ubucuruzi byinjiza amafaranga cyangwa imitungo ugereranyije n'ibikorwa bitizewe cyangwa biba bishobora gutera ingorane cyane;</p> <p>(vi) Iyo inkomoko y'ubukire iba idashobora kugenzurwa mu buryo bworoshye; cyangwa</p> <p>(vii) Abakora ibikorwa by'ubucuruzi bwo kudandaza usanga bashaka gukora ibikorwa bishobora guteza ingorane z'iyezandonke bijyanye nabo ugereranyije n'abakiriya bakora ubucuruzi bwo kuranguza kenshi na kenshi baba bafite urwego rubagenzura n'ubucuruzi buhamye. Abantu bakora ibikorwa by'iyezandonke usanga birinda kubahiriza inshingano zo guhabwa uruhushya no kugenzurwa bagahitamo gukorera mu mwijima</p>	<p>(iii) a request to use numbered accounts or undue levels of secrecy with a transaction;</p> <p>(iv) involvement in cash-intensive businesses;</p> <p>(v) nature, scope and location of business activities generating the funds or assets, having regard to sensitive or high-risk activities;</p> <p>(vi) where the origin of wealth cannot be easily verified; or</p> <p>(vii) retail participants who tend to have a greater level of money laundering risk associated to them in contrast to wholesale customers who usually will have a regulatory status and an established business. Persons engaged in money laundering will tend to avoid licensing obligations and regulatory scrutiny preferring the opacity of private corporations and trusts.</p>	<p>(iii) une demande d'utilisation de comptes numérotés ou de niveaux excessifs de secret pour une transaction ;</p> <p>(iv) participation à des activités à forte intensité de liquidités ;</p> <p>(v) la nature, la portée et la localisation des activités commerciales générant les fonds ou les actifs, eu égard aux activités sensibles ou à haut risque ;</p> <p>(vi) lorsque l'origine de la richesse ne peut être facilement vérifiée ; ou</p> <p>(vii) les participants de détail qui tendent à présenter un niveau plus élevé de risque de blanchiment de capitaux, contrairement aux clients de gros qui ont généralement un statut réglementaire et une activité établie. Les personnes impliquées dans le blanchiment d'argent auront tendance à éviter les obligations de licence et les contrôles réglementaires, préférant l'opacité des sociétés privées et des trusts.</p>
--	--	---

<p>w'ibigo by'ubucuruzi by'abikorera no mu bikorwa by'ubwizerane.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Ububiko bw'inyardiko</u></p> <p>(1) Ikigo cy'imari kibika inyandiko z'ibyakoze n'inyardiko bijyana mu gihe cy'imyaka 10 byibura uherye igihe zakorewe cyangwa zasohokewe bitewe n'ibikenewe ku buryo kibasha kugaragariza Urwego Rushinzwe Ubutasi ku Mari cyangwa izindi nzego bireba ibi bikurikira:</p> <p>(a) Uburyo asuzuma ingorane zijyanye n'iyegandanze umukiriya ashobora guteza; na</p> <p>(b) Uburyo kumenya umukiriya we no kumukurikirana buri gihe bikorwa neza hashingiwe kuri izo ngorane z'iyegandanze zishingiye ku mukiriya zishobora kuvuka.</p> <p>(2) Isoko ry'imari n'imigabane cyangwa isoko ry'ibikomoka ku mitungo rigomba kugira uburyo bwo kurigenzura hagamijwe gutahura ibikorwa bishobora kuba bifitanye isano no guhindura imiterere y'isoko. Urugero, ibikorwa byo kugurisha no kugura ibisa, Gukabiriza igiciro no guhenda,</p>	<p><u>Article 12: Records keeping</u></p> <p>(1) A financial institution shall keep records and relevant documents of the risk assessment for a minimum of 10 years from their official date of creation or issuance, as appropriate, so that it can demonstrate to the Financial Intelligence Centre or other competent authorities the following:</p> <p>(a) how it assesses the customer's money laundering risk; and,</p> <p>(b) that the extent of CDD and ongoing monitoring is appropriate based on that customer's money laundering risk.</p> <p>(2) A securities or derivatives exchange shall have surveillance systems and mechanisms that are designed to detect activities that might be a result of market manipulation. For instance, wash selling, pump and dump or insider trading which are predicate offences to money laundering.</p>	<p><u>Article 12 : Conservation des documents</u></p> <p>(1) L'institution Financière conserve les enregistrements et les documents pertinents de l'évaluation des risques pendant au moins 10 ans à compter de leur date officielle de création ou d'émission, selon le cas, afin de pouvoir démontrer au Centre de renseignement financier ou à d'autres autorités compétentes ce qui suit :</p> <p>(a) comment elle évalue le risque de blanchiment d'argent du client ; et,</p> <p>(b) que l'étendue de la CDD et de la surveillance continue est appropriée en fonction du risque de blanchiment de capitaux de ce client.</p> <p>(2) Une bourse de valeurs mobilières ou de produits dérivés doit disposer de systèmes et de mécanismes de surveillance conçus pour détecter les activités qui pourraient résulter d'une manipulation du marché, par exemple les ventes à découvert, les opérations de pompage et de dumping ou les délits</p>
--	--	---

<p>gucuruza wamenye ibanga biba ari ibikorwa bibanziriza ibyaha by'iyezandonke.</p> <p>(3) Abakozi bashinzwe ubugenzuzi ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa ku isoko ry'ibikomoka ku mitungo , bakibona ibikorwa bijyana no guhindura imiterere y'isoko, kugurisha imigabane ya Leta cyangwa ikindi kintu kidasanzwe, bagomba guhita babimenyeshya ikigo cy'imari urebwa n'ubwo bucuruzi bwihariye kugirango harebwe niba icyo gikorwa cy'imari gishobora gufatwa nk'igikemangwa; ibyo bikaba byasaba ko hakorwa andi maperereza kandi bikaba byamenyeshwa Urwego Rushinzwe Ubutasi Ku Mari nk'igikorwa cy'imari gikemangwa.</p>	<p>(3) The surveillance staff at a securities or derivatives exchange, on noticing activity that may amount to market manipulation, insider trading or any other anomaly, should alert the financial institution involved in that particular trade to cross-check on whether the transaction can be classified as suspicious thus requiring further investigation and reporting to the Financial Intelligence Centre as a suspicious transaction.</p>	<p>d'initiés, qui sont des infractions préalables au blanchiment de capitaux.</p> <p>(3) Le personnel de surveillance d'une bourse de valeurs mobilières ou de produits dérivés, lorsqu'il remarque une activité qui pourrait être assimilée à une manipulation du marché, à un délit d'initié ou à toute autre anomalie, doit alerter l'institution Financière impliqué dans cette transaction particulière afin de vérifier si la transaction peut être qualifiée de suspecte, nécessitant ainsi une enquête plus approfondie et un signalement au Centre de renseignement financier en tant que transaction suspecte.</p>
<p><u>Ingingo ya 13: Politiki z'imbere</u></p> <p>Ikigo cy'imari gitegura, kigashyiraho kandi kigashyira mu bikorwa gahunda, politiki, ibikurikizwa n'ubugenzuzi bikoreshwa imbere mu kigo mu rwego rwo gukumira no gutahura ibyaha byakorwa mu rwego rw'Itegeko. Izo porogaramu na politiki ziba zikubiyemo ibi bikurikira:</p> <p>(a) Gushyiraho ibigomba gukurikizwa hagamijwe kuzamura urwego rw'ubunyangamugayo rw'abakozi be cyangwa ubw'abantu bamukorera;</p>	<p><u>Article 13: Internal policies</u></p> <p>A financial institution shall develop, adopt and implement internal programmes, policies, procedures and controls to prevent and detect any offence under the Law. Such programmes and policies shall include:</p> <p>(a) the establishment of procedures to ensure high standards of integrity of its employees or persons acting on their behalf;</p>	<p><u>Article 13 : Politiques internes</u></p> <p>Une institution Financière doit développer, adopter et mettre en œuvre des programmes, politiques, procédures et contrôles internes pour prévenir et détecter toute infraction à la loi. Ces programmes et politiques doivent inclure :</p> <p>(a) l'établissement de procédures visant à garantir des normes élevées d'intégrité de ses employés ou des personnes agissant en leur nom ;</p>

<p>(b) Gahunda z'amahugurwa ahoraho n'ibiganiro byo kongera ubushobozi bigamije gutuma ibisabwa mu rwego rw'Itegeko, Amabwiriza n'imirongo ngenderwaho bibasha kumvikana no gushyirwa mu bikorwa;</p> <p>(c) Umurimo wo gukurikirana iyubahirizwa ry'ibisabwa uyobowe n'umukozi utanga raporo ku iyezandonke;</p> <p>(d) Umurimo w'ubugenzuzi bwigenga bushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'ibisabwa byo mu rwego rw'amategeko;</p> <p>(e) Ubugenzuzi bw'imbere bukomeye kandi bukora neza.</p>	<p>(b) on-going training programmes and capacity building sessions to ensure that the requirements under the Law, Regulations and Guidelines are well understood and implemented;</p> <p>(c) a money laundering compliance function led by the money laundering reporting officer;</p> <p>(d) an independent audit function to check compliance with the legal requirements;</p> <p>(e) a strong and sound internal control system.</p>	<p>(b) des programmes de formation continue et des sessions de renforcement des capacités pour s'assurer que les exigences de la loi, des règlements et des directives sont bien comprises et appliquées ;</p> <p>(c) une fonction de conformité en matière de blanchiment d'argent dirigée par le responsable de la déclaration de blanchiment d'argent ;</p> <p>(d) une fonction d'audit indépendante pour vérifier la conformité avec les exigences légales ;</p> <p>(e) un système de contrôle interne fort et solide.</p>
<p><u>Ingingo ya 14: Amahugurwa</u></p> <p>Ingengabihe n'ubutumwa bw'amahugurwa y'abakozi mu nzego zinyuranye bigomba guhuzwa na buri wese mu bahuza mu isoko hakurikijwe ibyo bakeneye. Ku byerekeranye n'inshuro amahugurwa abera n'ubutumwa buyatangwamo, hitabwaho ibi bikurikira:</p> <p>(a) Ku byerekeranye n'abakozi bashya, abakozi bese bazita ku bakiriya</p>	<p><u>Article 14: Training</u></p> <p>Timing and content of training for various sectors of staff will need to be adapted by individual financial institutions for their own needs. The following shall be considered in frequency and content of the training:</p> <p>(a) For new employees, a general appreciation of the background to</p>	<p><u>Article 14 : Formation</u></p> <p>Le calendrier et le contenu de la formation pour les différents secteurs du personnel devront être adaptés par chaque institution Financière à ses propres besoins. Les éléments suivants doivent être pris en compte dans la fréquence et le contenu de la formation :</p> <p>(a) Pour les nouveaux employés, une appréciation générale du contexte du</p>

<p>cyangwa ku bikorwa byabo bahabwa amakuru rusange yerekeranye n'iyezandonke bakanasobanurirwa impamvu ari ngombwa gukorera umukozi ushinzwe gukumira iyezandonke raporo ku bikorwa by'iyezandonke bikemangwa; hatitawe ku rwego rw'imirimo barimo, byaba byiza ibyo bigakorwa mu kwezi kwa mbere kw'akazi kabo. Bagomba kumenyeshwa agaciro ikigo cy'imari giha ibikorwa byo gukora raporo ku bintu bikemangwa, ibisabwa mu rwego rw'amategeko mu bijyanye no gukora raporo, kimwe n'inshingano zishingiye ku mategeko z'umuntu ku giti cye muri urwo rwego.</p> <p>(b) Abakozi bakora mu buryo butaziguye n'abakiriya ni ho hantu ha mbere abantu bashobora gukora ibikorwa by'iyezandonke baba bashobora guhurira n'abandi. Kubera iyo mpamvu rero, ibikorwa byabo ni ingenzi cyane ku buryo bwo gukora raporo bukoreshwa n'ikigo cy'imari. Hatangwa amahugurwa ku byerekeranye n'impamvu zishobora gutera urwikekwe no ku bigomba gukorwa igihe igikorwa iki n'iki gikemangwa.</p>	<p>money laundering, and the subsequent need for reporting of any suspicious transactions to the money laundering reporting officer should be provided to all new employees who will be dealing with customers or their transactions irrespective of the level of seniority preferably within the first month of their employment. They should be made aware of the importance placed on the reporting of suspicions by the financial institution, the legal requirement to report, and the personal statutory obligation in this respect.</p> <p>(b) Members of staff who are dealing directly with the public are the first point of contact with potential persons engaged in money laundering and their efforts are therefore vital to the financial institution's reporting system for such transactions. Training should be provided on factors that may give rise to suspicions and on the procedures to be adopted when a transaction is deemed to be suspicious.</p>	<p>blanchiment d'argent et de la nécessité subséquente de déclarer toute transaction suspecte au responsable de la déclaration du blanchiment d'argent doit être fournie à tous les nouveaux employés qui auront affaire à des clients ou à leurs transactions, quel que soit leur niveau d'ancienneté, de préférence au cours du premier mois de leur emploi. Ils doivent être informés de l'importance accordée à la déclaration des soupçons par l'intermédiaire du marché, de l'obligation légale de déclaration et de l'obligation légale personnelle à cet égard.</p> <p>(b) Les membres du personnel qui traitent directement avec le public sont le premier point de contact avec des personnes potentiellement impliquées dans le blanchiment d'argent et leurs efforts sont donc essentiels au système de déclaration de l'institution Financière pour de telles transactions. Une formation doit être dispensée sur les facteurs pouvant donner lieu à des soupçons et sur les procédures à adopter lorsqu'une transaction est jugée suspecte.</p>
---	---	---

<p>(c) Abo bakozi bashinzwe gufungura amakonti no kwakira abakiriya bashya bagomba guhabwa amahugurwa y'ibanze agenewe abakozi bahura n'abakiriya bwa mbere. Byongeye kandi, hagomba gutangwa andi mahugurwa ku byerekeranye n'impamvu ari ngombwa kugenzura ibiranga abakiriya no ku byerekeranye no gufungura konti bwite y'ubucuruzi n'ibikurikizwa mu kugenzura umukiriya. Bagomba kandi kumenyerezwa uburyo bwo gukora raporo ku bikorwa bikemangwa by'ikigo cy'ubucuruzi runaka.</p> <p>(d) Abantu bose bafite inshingano zo kugenzura cyangwa gucunga abakozi bagomba guhabwa amasomo yo mu rwego rwo hejuru yibanda ku nzego zose z'ibigomba gukorwa mu rwego rwo gukumira iyezandonke. Ayo masomo aba arimo ibyaha n'ibihano bijyanye no kutaranga cyangwa gufasha abantu bakora ibikorwa by'iyezandonke, ibikurikizwa mu rwego rwo gutegeka gutanga serivisi zo gukora cyangwa kubuza gukora, ibikurikizwa mu bijyanye no gukora raporo z'imbere n'ibisabwa mu kugenzura ibiranga umuntu no kubika inyandiko no gutanga raporo z'ibikorwa bikemangwa.</p>	<p>(c) Those members of staff responsible for account opening and acceptance of new customers should receive the basic training given to front line staff. In addition, further training should be provided in respect of the need to verify a customer's identity and on the business' own account opening and customer verification procedures. They should also be familiarized with the business' suspicious transaction reporting procedures.</p> <p>(d) A higher level of instruction covering all aspects of money laundering procedures should be provided to those with the responsibility for supervising or managing staff. This will include the offences and penalties arising for non-reporting and for assisting persons engaged in money laundering, procedures relating to the service of production and restraint orders, internal reporting procedures and the requirements for verification of identity and the retention of records and disclosure of suspicious transaction reports.</p>	<p>(c) Les membres du personnel chargés de l'ouverture des comptes et de l'acceptation des nouveaux clients devraient recevoir la formation de base dispensée au personnel de première ligne. En outre, une formation complémentaire devrait être dispensée sur la nécessité de vérifier l'identité d'un client et sur les procédures d'ouverture de compte et de vérification des clients propres à l'entreprise. Ils doivent également se familiariser avec les procédures de déclaration des transactions suspectes de l'entreprise.</p> <p>(d) Un niveau d'instruction plus élevé couvrant tous les aspects des procédures de blanchiment de capitaux doit être fourni aux personnes chargées de superviser ou de gérer le personnel. Il s'agit notamment des infractions et des peines encourues en cas de non-déclaration et d'assistance à des personnes impliquées dans le blanchiment de capitaux, des procédures relatives à la signification des ordonnances de production et d'interdiction, des procédures de déclaration interne et des exigences en matière de vérification de l'identité, de conservation des dossiers et de divulgation des déclarations de transactions suspectes.</p>
---	--	--

<p>(e) Umukozi ushinzwe gukora raporo ku iyezandonke ahabwa amahugurwa yimbitse ku byerekeranye n'ingingo zose z'amategako n'iza politiki y'imbere mu kigo. Byongeye kandi, umukozi ushinzwe gukora raporo ku iyezandonke akenera guhabwa amabwiriza arambuye y'ibanze n'amabwiriza ahoraho ajyanye no kwemeza, gukora ipereriza no gukora raporo ku bikorwa bikemangwa n'ibyemezo bifatwa kuri raporo ze ndetse no ku cyerekezo n'imiterere mishya y'ibikorwa bijyanye n'ibyaha.</p>	<p>(e) For the money laundering reporting officer, an in-depth training covering all aspects of the legislation and internal policies will be required. In addition, the money laundering reporting officer will require extensive initial and on-going instruction on the validation, investigation and reporting of suspicious transactions and on the feedback arrangements and on new trends and patterns of criminal activity.</p>	<p>(e) Pour le responsable de la déclaration de blanchiment de capitaux, une formation approfondie couvrant tous les aspects de la législation et des politiques internes sera nécessaire. En outre, le responsable des déclarations de blanchiment de capitaux devra recevoir une formation initiale et continue approfondie sur la validation, l'enquête et la déclaration des transactions suspectes, ainsi que sur les dispositifs de retour d'information et sur les nouvelles tendances et les nouveaux modèles d'activité criminelle.</p>
<p><u>Ingingo ya 15: Kubahiriza ibisabwa</u></p> <p>Ikigo cy'imari gishyiraho ibyemezo byo mu rwego rw'imicungire bijyanye n'iyubahirizwa ry'ibisabwa bikwiye birimo byibura ishyirwaho ry'umukozi ushinzwe gukora raporo ku bikorwa by'iyezandonke.</p>	<p><u>Article 15: Compliance</u></p> <p>A financial institution shall develop appropriate compliance management arrangements, including at least, the appointment of a money laundering reporting officer.</p>	<p><u>Article 15 : Conformité</u></p> <p>Une institution Financière doit mettre en place des dispositifs appropriés de gestion de la conformité, comprenant au moins la nomination d'un responsable de la déclaration des opérations de blanchiment de capitaux.</p>
<p><u>Ingingo ya 16: Kumenya no kugenzura ibiranga abakiriya</u></p> <p>(1) Ikigo cy'imari kigomba kugira ibimenyetso bihagije bigaragaza umwirondoro w'abantu basaba gukorana ubucuruzi nacyo n'uko abo bantu bafite ubuzima gatozi. Ibyo bimenyetso bigenzurwa hifashishijwe ibyangombwa byizewe cyangwa ubundi</p>	<p><u>Article 16: Customer Identification and Verification</u></p> <p>(1) A financial institution shall obtain satisfactory evidence of the identity and legal existence of the persons applying to do business with it. The evidence shall be verified by reliable documents or other verifiable and independent means. A</p>	<p><u>Article 16 : Identification et vérification des clients</u></p> <p>(1) Une institution Financière doit obtenir des preuves satisfaisantes de l'identité et de l'existence légale des personnes qui demandent à faire affaire avec lui. Ces preuves sont vérifiées par des documents fiables ou d'autres moyens vérifiables et</p>

<p>buryo bushobora kuzurwa kandi bwigenga. Ikigo cy'imari ntabwo kigomba gukorana ibikorwa by'ubucuruzi n'umukiriya utabasha gutanga ibimentetso by'umwirondoro we. Ikigo cy'imari ntabwo gishobora kugira konti zidafite ba nyirazo cyangwa amakonti ari mu mazina y'abakiriya bacyo y'amahimbano.</p>	<p>financial institution shall not engage in any business transactions with a client who fails to provide evidence of his or her identity. A financial institution shall not keep anonymous accounts or accounts in fictitious names of their clients.</p>	<p>indépendants. Une institution Financière ne doit pas s'engager dans des transactions commerciales avec un client qui ne fournit pas de preuve de son identité. Une institution Financière ne doit pas tenir des comptes anonymes ou des comptes au nom fictif de ses clients.</p>
<p>(2) Umuyobozi w'ikigega cy'ishoramari cy'abishyize hamwe agenzura umwirondoro w'umukiriya yifashishije amakuru yizewe kandi yigenga. Umuyobozi w'ikigega cy'ishoramari cy'abishyize hamwe abika kopi z'ibyangombwa byose byakoreshejwe mu kuzurura umwirondoro n'amakuru ajyanye n'uwo mwirondoro.</p>	<p>(2) A collective investment scheme manager shall verify the identity of a customer using reliable and independent sources. The collective investment scheme manager shall retain copies of all reference documents used in identity verification and the identification information.</p>	<p>(2) Un gestionnaire d'un fond d'investissement collectif vérifie l'identité d'un client en utilisant des sources fiables et indépendantes. Le gestionnaire de placements collectifs conserve une copie de tous les documents de référence utilisés pour la vérification de l'identité et des informations d'identification.</p>
<p>(3) Ikigo cy'imari gishyira mu bikorwa kandi kigakomeza imirongo ngenderwaho gikwiye agenga abamuhagarariye n'abakozi be kugirango abafashe kwiga no gushyiraho ibimenyetso by'ingenzi bijyanye n'umwirondoro w'abakiriya be. Ikigo cy'imari abika inyandiko zijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'amabwiriza ngenderwaho mu gihe cy'imyaka 10 uherye ku itariki hafatiweho icyemezo runaka kireba umukozi cyangwa umuhagarariye.</p>	<p>(3) A financial institution shall implement and maintain appropriate guidelines for its agents and employees to assist them in learning and establishing essential facts about their customers. A financial institution shall keep records of enforcement of these guidelines for not less than 10 years from the date of any action taken against the employee or agent.</p>	<p>(3) Une institution Financière met en place et maintient des directives appropriées à l'intention de ses agents et employés pour les aider à apprendre et à établir les faits essentiels concernant les antécédents de leurs clients. L'institution Financière doit conserver des traces de l'application de ces directives pendant au moins 10 ans à compter de la date de toute mesure prise à l'encontre de l'employé ou de l'agent.</p>
<p>(4) Ikigo cy'imari ashobora kwifashisha ibi</p>	<p>(4) A financial institution may use the</p>	<p>(4) L'institution Financière peut utiliser les</p>

<p>bikurikira mu bugenzuzi akora:</p> <p>(a) Numero iranga umusoreshwa (TIN) itangwa n’Ikigo cy’Imisoro n’Amahoro, ibimenyetso bitangwa na banki; cyangwa</p> <p>(b) Uburyo bw’ikoranabuhanga bukoreshwa mu kugenzura amakuru y’imbere cyangwa yo hanze hagamijwe kugenzura ibidahura mu makuru aba yatanzwe.</p> <p><u>Ingingo ya 17: Kumenya umwirondoro wa nyir’umutungo nyawe w’umukiriya</u></p> <p>Ikigo cy’imari cyangwa umuyobozi w’ikigega cy’ishoramari cy’abishyize hamwe agomba kumenya umwirondoro wa ba nyir’umutungo nyabo w’abantu bifuzaga gukorana ubucuruzi nawe. Muri urwo rwego, afata ibyemezo byumvikana byo kugenzura imyirondoro y’abo bantu yifashishije amakuru akwiye ashobora gukura ahantu hizewe kandi higenga.</p> <p><u>Ingingo ya 18: Kumenya umwirondoro wa nyir’umutungo nyawe w’umukiriya usaba gukora ubucuruzi akorera mu rwego rw’itegeko rigenga amasosiyete</u></p> <p>Iyo umuntu usaba gukora ubucuruzi akorera mu</p>	<p>following as a means of verification:</p> <p>(a) tax identification number (TIN) issued by the Rwanda Revenue Authority, bank reference; or</p> <p>(b) computerized system, for internal or external application database checks, to check for any inconsistencies in the information provided.</p> <p><u>Article 17: Identification of the beneficial owner of a customer</u></p> <p>A financial institution or collective investment scheme manager shall identify the beneficial owner(s) of the persons applying to do business with it, and takes reasonable measures to verify the identity of such persons using relevant information or data obtained from reliable independent sources.</p> <p><u>Article 18: Identification of the beneficial owner of person applying to do business within the framework of the company law</u></p> <p>In the case where the person applying to do</p>	<p>éléments suivants comme moyens de vérification :</p> <p>(a) numéro d’identification fiscale (NIF) délivré par l’Office Rwandais des Recettes, référence bancaire ; ou</p> <p>(b) système informatisé, pour des vérifications de bases de données d’applications internes ou externes, afin de vérifier toute incohérence dans les informations fournies.</p> <p><u>Article 17 : Identification du bénéficiaire effectif d’un client</u></p> <p>L’institution Financière ou gestionnaire d’organisme de placement collectif identifie le(s) bénéficiaire(s) effectif(s) des personnes qui demandent à faire affaire avec lui et prend des mesures raisonnables pour vérifier l’identité de ces personnes en utilisant des informations ou des données pertinentes obtenues de sources indépendantes fiables.</p> <p><u>Article 18 : Identification du bénéficiaire effectif d’une personne demandant à faire des affaires dans le cadre de la loi régissant les sociétés</u></p> <p>Dans le cas où la personne demandant à faire</p>
---	---	--

<p>rwego rw'itegeko rigenga amasosiyete, ikigo cy'imari/umuyobozi w'ikigega cy'ishoramari cy'abishyize hamwe akora ibi bikurikira:</p> <p>(a) Kureba umwirondoro w'umuntu yaba akora ku giti cye cyangwa akorana n'abandi ufite inyungu mu bugenzuzi bw'umutungo muri sosiyete. Kugira inyungu mu bugenzuzi bw'umutungo bisobanura kugira, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, byibura makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) by'imigabane yatanzwe cyangwa uburenganzira bwo gutora muri iyo sosiyete;</p> <p>(b) Iyo hari ibishidikanywaho hakurikijwe ibivugwa mu agaka ka (1) ku byerekeranye no kumenya niba umuntu ufite inyungu mu bugenzuzi bw'umutungo ari we nyir'umutungo nyakuri, cyangwa iyo ari nta muntu uhari ufite ububasha mu kugenzura binyuze mu nyungu zo kugenzura umutungo, ikigo cy'imari/umuyobozi w'ikigo cy'ishoramari cy'abishyize hamwe areba abantu (niba hari abahari) bagenzura sosiyete binyuze mu bundi buryo. Ubundi buryo bishobora kubamo ubugenzuzi bukorwa binyuze mu bandi bantu bakorana nawe ku giti cye, guha</p>	<p>business operates within the framework of the company law, the financial institution/collective investment scheme manager shall:</p> <p>(a) Identify the natural person(s) who acting alone or jointly ultimately have a controlling ownership interest in the company. A controlling ownership interest refers to holding directly or indirectly at least twenty five percent (25%) of the issued shares or the voting rights in the company;</p> <p>(b) to the extent that there is doubt under subparagraph (1) as to whether the natural person(s) with controlling ownership interest is/are the beneficial owner(s), or where no natural persons exert control through ownership interest, the financial institution/collective investment scheme manager shall identify the natural persons (if any) exercising control of the company through other means. Other means may include control through personal connections, the financing of the company, family relationships, historical or contractual</p>	<p>des affaires opère dans le cadre de la loi régissant les sociétés, l'institution Financière/gestionnaire d'organisme de placement collectif doit :</p> <p>(a) Identifier la ou les personnes physiques qui, agissant seules ou conjointement, détiennent en définitive une participation de contrôle dans la société. Une participation de contrôle consiste à détenir directement ou indirectement au moins vingt-cinq pour cent (25%) des actions émises ou des droits de vote de la société ;</p> <p>(b) dans la mesure où il existe un doute, en vertu du sous-paragraphe (1), quant à savoir si la ou les personnes physiques détenant une participation de contrôle sont le ou les bénéficiaires effectifs, ou lorsqu'aucune personne physique n'exerce un contrôle par le biais d'une participation, l'institution Financière/gestionnaire d'organisme de placement collectif doit identifier les personnes physiques (le cas échéant) exerçant un contrôle sur la société par d'autres moyens. Les autres moyens peuvent inclure le contrôle par des relations personnelles, le financement de la</p>
--	---	--

<p>sosiyete amafaranga, abantu bafitanye isano mu muryango, amashyirahamwe ashingiye ku mateka cyangwa ku masezerano, cyangwa abishyurira sosiyete mu gihe hakoze ubwishyu bumwe na bumwe. Bifatwa nk'aho ari ubugenzuzi, kabone n'iyi bwaba budakorwa, iyo umuntu runaka akoresha, abeshwaho, cyangwa akura inyungu ku mutungo wa sosiyete.</p> <p>(c) Iyo ari nta muntu ubonetse hakurikijwe ibivugwa mu duce aka (1) cyangwa aka (2) hejuru, ikigo cy'imari/umuyobozi w'ikigo cy'ishoramari cy'abishyize hamwe azenzura kandi agafata ibyemezo bikwiye bigamije kuzuzura umwirondoro w'umuntu bireba ukora imirimo y'umukozi wo mu buyobozi bukuru. Umukozi wo mu buyobozi bukuru bishakira kuvugira abantu ku giti cyabo bashobora gufata ibyemezo bikomeye bishobora kugira ingaruka zikomeye ku bucuruzi bwa sosiyete cyangwa ku cyerekezo cyayo cy'igihe kirambye n'abantu bafite ububasha bwo gufata ibyemezo mu bikorwa bya buri munsu bya sosiyete. Umukozi wo mu buyobozi bukuru ashobora kuba ari:</p> <p>(i) Umuyobozi Mukuru w'ikigo;</p>	<p>associations, or default by the company on certain payments. There may be a presumption of control, even if not exercised, where a natural person uses, enjoys, or benefits from the assets of the company.</p> <p>(c) where no natural person is identified under subparagraphs (1) or (2) above, the financial institution/collective investment scheme manager shall identify and take reasonable measures to verify the identity of the relevant natural person who holds the position of senior managing officer. A senior managing officer refers to the natural persons responsible for strategic decisions fundamentally affecting the company's business practices or strategic direction and those with executive control over the entity's daily affairs. A senior managing officer may include:</p> <p>(i) Chief Executive Officer (CEO)/Managing Director (MD);</p>	<p>société, les relations familiales, les associations historiques ou contractuelles, ou le défaut de paiement de la société. Il peut y avoir une présomption de contrôle, même s'il n'est pas exercé, lorsqu'une personne physique utilise, jouit ou bénéficie des actifs de la société.</p> <p>(c) lorsqu'aucune personne physique n'est identifiée en vertu des alinéas (1) ou (2) ci-dessus, l'institution Financière/gestionnaire d'organismes de placement collectif identifie et prend des mesures raisonnables pour vérifier l'identité de la personne physique concernée qui occupe le poste de directeur général. Un cadre dirigeant fait référence aux personnes physiques responsables des décisions stratégiques affectant fondamentalement les pratiques commerciales ou l'orientation stratégique de la société, ainsi qu'à celles qui exercent un contrôle exécutif sur les affaires quotidiennes de l'entité. Il peut s'agir des personnes suivantes :</p> <p>(i) Le directeur général (PDG)/le directeur général (DG) ;</p>
---	---	---

<p>(ii) Umuyobozi uha raporo Inama y'Ubutegetsi cyangwa Komite zayo;</p> <p>(iii) Umuyobozi ukorera raporo Umuyobozi Mukuru;</p> <p>(iv) Abagize Inama y'ubutegetsi (uretse abashyizweho).</p> <p>Ingingo ya 19: Kumenya umwirondoro wa nyir'umutungo nyawe w'umukiriya usaba gukora ubucuruzi akorera mu rwego rw'itegeko rigenga ubufatanye mu bucuruzi</p> <p>Iyo umuntu usaba gukora ubucuruzi akorera mu rwego rw'itegeko rigenga ubufatanye mu bucuruzi, ba nyir'umutungo nyabo bamenyekana hashingiwe ku bwoko bw'ubufatanye mu bucuruzi bafatanye:</p> <p>(a) Iyo ari ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye:</p> <p>(i) Abafatanyabikorwa b'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye buri wese ku giti cye bafatwa nka ba nyir'umutungo nyabo. Abafatanyabikorwa b'ubufatanye</p>	<p>(ii) Senior executive reporting to the Board or to Board Committees;</p> <p>(iii) Senior executive reporting to the Chief Executive Officer (CEO)/Managing Director (MD);</p> <p>(iv) Directors (but not nominee directors).</p> <p>Article 19: Identification of the beneficial owner of person applying to do business within the framework of the law governing partnership</p> <p>In the case where the person applying to do business operates within the framework of the law governing partnership, the beneficial owners shall be identified based on the type of partnership:</p> <p>(a) In the case of a general partnership:</p> <p>(i) All partners of the General Partnership acting in their own capacity qualify as beneficial owners. Partners of a general partnership can only be individuals.</p>	<p>(ii) Un cadre supérieur qui rend compte au conseil d'administration ou aux comités du conseil ;</p> <p>(iii) Un cadre supérieur qui rend compte au directeur général (PDG)/directeur général (DG) ;</p> <p>(iv) les administrateurs (mais pas les administrateurs désignés).</p> <p>Article 19 : Identification du bénéficiaire effectif d'une personne demandant à faire des affaires dans le cadre de la loi régissant les sociétés des personnes</p> <p>Dans le cas où la personne demandant à faire des affaires opère dans le cadre de la loi régissant les sociétés des personnes, les bénéficiaires effectifs doivent être identifiés en fonction du type de société :</p> <p>(a) Dans le cas d'une société en nom collectif :</p> <p>(i) Tous les associés de la société en nom collectif agissant en leur propre qualité sont qualifiés de bénéficiaires effectifs. Les associés d'une société en nom collectif ne peuvent être que des personnes</p>
---	--	--

<p>mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye bashobora kuba abantu ku giti cyabo gusa.</p> <p>(ii) Iyo habayeho gushidikanya ku byerekeranye no kumenya niba abantu bavugwa mu gace ka (a) ari bo ba nyir'umutungo nyabo, ikigo cy'imari cyangwa umuyobozi w'ikigega cy'ishoramari cy'abishyize hamwe agomba kubona amakuru aranga buri wese ku giti cye mu bantu bafite ububasha bwo kugenzura ubuyobozi bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe budahinnye.</p> <p>(b) Iyo ari ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye:</p> <p>(i) Kureba umuntu yaba akora wenyine cyangwa afatanye n'abandi, ufite inyungu mu bugenzuzi bw'umutungo mu bufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye. Uyu ni umuntu ufite uburenganzira byibura kuri gatanu ku ijana by'imari shingiro cyangwa ku nyungu z'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye haba mu buryo buziguye cyangwa butaziguye;</p>	<p>(ii) To the extent that there is doubt as to whether the natural person(s) under subparagraph (a) are the beneficial owners, the financial institution/collective investment scheme manager should obtain the particulars of the natural persons exercising ultimate control over the management of the general partnership.</p> <p>(b) In the case of a limited partnership:</p> <p>(i) Identify the natural person(s) who whether acting alone or jointly, ultimately have a controlling ownership interest in the limited partnership. This refers to natural persons entitled to or owning at least five percent of the capital or profits of the limited partnership either directly or indirectly;</p>	<p>physiques.</p> <p>(ii) Dans la mesure où il existe un doute quant à savoir si la ou les personnes physiques visées au point (a) sont les bénéficiaires effectifs, l'institution Financière/gestionnaire d'organismes de placement collectif doit obtenir les coordonnées des personnes physiques qui exercent le contrôle ultime sur la gestion de la société en nom collectif.</p> <p>(b) Dans le cas d'une société en commandite :</p> <p>(i) Identifiez-la ou les personnes physiques qui, agissant seules ou conjointement, détiennent en dernier ressort une participation majoritaire dans la société en commandite. Il s'agit des personnes physiques ayant droit à ou possédant au moins cinq pour cent du capital ou des bénéfices de la société en commandite, directement ou indirectement ;</p>
--	---	--

<p>(ii) Iyo habayeho gushidikanya hakurikijwe ibivugwa mu gace ka (a) ku byerekeranye no kumenya niba abantu bafite inyungu mu bugenzuzi bw'umutungo ari bo ba nyir'umutungo nyabo cyangwa iyo ari nta muntu uhari ugenzura umutungo binyuze mu nyungu awufiteho nka nyirawo, ikigo cy'imari/umuyobozi w'ikigo cy'ishoramari cy'abishyize hamwe agomba kubona umuntu ku giti cye (iyo hari uhari) yaba akora ubwe cyangwa afatanyije n'abandi ufite ijamba rikomeye cyangwa ugenzura mu buryo buziguye cyangwa butaziguye ubuyobozi bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye. Umuntu ashobora kugira ijamba rikomeye cyangwa ugenzura umutungo bitewe n'impamvu zinyuranye zirimo amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi cyangwa andi masezerano, binyuze mu burenganzira bushingiye ku nyungu zo mu rwego rw'imari, cyangwa ubundi buryo.</p> <p>(iii) Iyo ari nta muntu ku giti cye ubonetse hakurikijwe ibivugwa mu</p>	<p>(ii) to the extent that there is doubt under subparagraph (a) as to know whether the natural person(s) with controlling ownership interest are the beneficial owners, or where no natural persons exert control through ownership interest, the financial institution/collective investment scheme manager shall identify the natural person (if any) who, acting alone or jointly, exercise significant influence or control, directly or indirectly, over the management of the limited partnership. A natural person may exercise significant influence or control as a result of a variety of circumstances including through a partnership agreement or some other agreement, through rights attached to a financial interest, or otherwise.</p> <p>(iii) Where no natural person is identified under (i) or (ii) above,</p>	<p>(ii) dans la mesure où il existe un doute, en vertu du sous-paragraphe (a), quant à savoir si la ou les personnes physiques détenant une participation de contrôle sont les bénéficiaires effectifs, ou lorsqu'aucune personne physique n'exerce de contrôle par le biais d'une participation, l'institution Financière/gestionnaire d'organismes de placement collectif doit identifier les personnes physiques (le cas échéant) qui, agissant seules ou conjointement, exercent une influence significative ou un contrôle, directement ou indirectement, sur la gestion de la société en commandite. Une personne physique peut exercer une influence ou un contrôle significatif en raison de diverses circonstances, notamment par le biais d'un contrat de société ou d'un autre accord, par le biais de droits attachés à une participation financière, ou autrement.</p> <p>(iii) lorsqu'aucune personne physique n'est identifiée au titre des points (i) ou (ii) ci-</p>
---	--	---

<p>gaka ka (i) cyangwa aka (ii) biri haruguru, gufata ibyemezo byumvikana maze urebe abantu ku giti cyabo bafite umwanya w'umufatanyabikorwa rusange cyangwa abafatanyabikorwa b'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye cyangwa niba umufatanyabikorwa mu bucuruzi ufite uburyozwe budahinnye ari sosiyete ifite ubuzima gatozi, abantu ku giti cyabo bakora imirimo y'abakozi bakuru mu buyobozi bukuru bw'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye.</p> <p>(c) Iyo ari ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye</p> <p>(i) Kureba umuntu ku giti cye yaba akora wenyine cyangwa afatanye n'abandi, ufite inyungu mu bugenzuzi bw'umutungo mu ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye. Kugira inyungu mu bugenzuzi bw'umutungo bisobanura kugira, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, byibura makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) by'imigabane shingiro yatanzwe cyangwa</p>	<p>take reasonable measures to identify the individuals who hold the position of general partner or partners of the limited partnership or, in the case of a general partner that is a body corporate, the individuals who are the senior managing officials of the general partner.</p> <p>(c) In the case of a limited liability partnership:</p> <p>(i) Identify the natural person(s), who whether acting alone or jointly, ultimately have a controlling ownership interest in the limited liability partnership. A controlling ownership interest refers to holding directly or indirectly at least twenty-five percent (25%) of the capital contribution or the voting rights in the conduct and management of the business of the limited liability partnership;</p>	<p>dessus, prendre des mesures raisonnables pour identifier les personnes qui occupent le poste de commandité ou d'associés de la société en commandite ou, dans le cas d'un commandité qui est une personne morale, les personnes qui sont les cadres supérieurs du commandité.</p> <p>(c) Dans le cas d'une société à responsabilité limitée :</p> <p>(i) Identifiez-la ou les personnes physiques qui, agissant seules ou conjointement, détiennent en définitive une participation majoritaire dans la société à responsabilité limitée. Par participation majoritaire, on entend la détention directe ou indirecte d'au moins vingt-cinq pour cent (25 %) de l'apport en capital ou des droits de vote dans la conduite et la gestion des affaires de la société à responsabilité</p>
---	--	--

<p>uburenganzira bwo gutora mu ifatwa ry'ibyemezo ku byerekeranye n'imiyoborere n'imirungire y'ibikorwa by'ubucuruzi by'ubufatanye bufite uburyozwe buhinnye;</p> <p>(ii) Iyo habayeho gushidikanya hakurikijwe ibivugwa mu gace ka (i) ku byerekeranye no kumenya niba abantu bafite inyungu mu bugenzuzi bw'umutungo ari bo ba nyir'umutungo nyabo cyangwa iyo ari nta muntu uhari ugenzura umutungo binyuze mu nyungu awufiteho nka nyirawo, kugaragaza umuntu ku giti cye (niba hari uhari) yaba akora ubwe cyangwa afatanyije n'abandi ufite ijamba rikomeye cyangwa ugenzura mu buryo buziguye cyangwa butaziguye ubuyobozi bw'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye. Umuntu ku giti cye ashobora kugira ijamba rikomeye cyangwa kugenzura umutungo bitewe n'impamvu zinyuranye zirimo amasezerano y'ubufatanye cyangwa andi masezerano, uburenganzira bwo gushyiraho umubare mwinshi w'abakozi bo mu buyobozi bw'ubufatanye bufite</p>	<p>(ii) to the extent that there is doubt under subparagraph (i) as to whether the natural person(s) with controlling ownership interest are the beneficial owners, or where no natural persons exert control through ownership interest, identify the natural persons (if any), who acting alone or jointly, exercise significant influence or control, directly or indirectly, over the management of the limited liability partnership. A natural person may exercise significant influence or control as a result of a variety of circumstances including through a member's agreement or some other agreement, the right to appoint the majority of managing officials of the limited liability partnership, through rights attached to a financial interest, or otherwise. Other means may include control through personal connections, the financing of the company, family relationships,</p>	<p>limitée ;</p> <p>(ii) dans la mesure où il existe un doute, en vertu du sous-paragraphe (i), quant à savoir si la ou les personnes physiques détenant une participation de contrôle sont les bénéficiaires effectifs, ou lorsqu'aucune personne physique n'exerce de contrôle par le biais d'une participation, identifier les personnes physiques (le cas échéant) qui, agissant seules ou conjointement, exercent une influence ou un contrôle significatif, directement ou indirectement, sur la gestion de la société à responsabilité limitée. Une personne physique peut exercer une influence ou un contrôle significatif en raison de diverses circonstances, y compris par le biais d'un accord d'associé ou d'un autre accord, du droit de nommer la majorité des responsables de la gestion de la société à responsabilité limitée, par le biais de droits attachés à une participation financière, ou autrement. D'autres moyens peuvent</p>
--	--	---

<p>uburyozwe buhinnye binyuze mu burenganzira bushingiye ku nyungu zo mu rwego rw'imari, cyangwa ubundi buryo. Ubundi buryo bushobora kubamo ubugenzuzi bukorwa binyuze mu bandi bantu bakorana nawe ku giti cye, guha sosiyete amafaranga, abantu bafitanye isano mu muryango, amashyirahamwe ashingiye ku mateka cyangwa ku masezerano, cyangwa abishyurira sosiyete mu gihe hakozwe ubwishyu bumwe na bumwe. Bifatwa nk'aho ari ubugenzuzi, kabone n'iyi bwaba budakorwa, iyo umuntu runaka afite uburenganzira kuri byibura makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) by'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye igihe bibaye ngombwa kubusesa.</p>	<p>historical or contractual associations, or default by the company on certain payments. There may be a presumption of control, even if not exercised, where a natural person is entitled to more than at least twenty-five per cent (25%) of the assets of the limited liability partnership in the event of winding up or dissolution of the limited liability partnership.</p>	<p>inclure le contrôle par le biais de relations personnelles, le financement de la société, les relations familiales, les associations historiques ou contractuelles, ou le défaut de paiement de la société. Il peut y avoir une présomption de contrôle, même s'il n'est pas exercé, lorsqu'une personne physique a droit à plus de vingt-cinq pour cent (25%) au moins des actifs de la société à responsabilité limitée en cas de liquidation ou de dissolution de cette dernière.</p>
<p><u>Ingingo ya 20:</u> Kumenya umwirondoro wa nyir'umutungo nyawe w'umukiriya usaba gukora ubucuruzi akorera mu rwego rw'itegeko rigenga ibigo by'ishoramari by'abishyize hamwe</p>	<p><u>Article 20:</u> Identification of the beneficial owner of person applying to do business within the framework of the law governing collective investment schemes</p>	<p><u>Article 20 :</u> Identification du bénéficiaire effectif d'une personne demandant à faire des affaires dans le cadre de la loi régissant les organismes de placement collectif</p>
<p>Iyo umuntu usaba gukora ubucuruzi akorera mu rwego rw'itegeko rigenga ibigo by'ishoramari by'abishyize hamwe, ba nyir'umutungo nyabo</p>	<p>In the case where the person applying to do business operates within the framework of the law governing collective investment schemes,</p>	<p>Dans le cas où la personne demandant à faire des affaires opère dans le cadre de la loi régissant les organismes de placement collectif,</p>

<p>bagaragara hashingiwe ku bwoko bw'ikigo cy'ishoramari cy'abishyize hamwe:</p> <p>(a) Niba ari sosiyete y'ishoramari:</p> <p>(i) Reba abantu, bakora haba bonyine cyangwa bafatanyije, bafite mu buryo buziguye cyangwa butaziguye byibura makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) by'imigabane cyangwa uburenganzira bwo gutora muri sosiyete;</p> <p>(ii) Iyo hariho gushidikanya hakurikijwe ibivugwa mu gace ka (i) ku byerekeranye no kumenya niba abantu bafite iyo sosiyete ari bo nyirayo nyabo cyangwa iyo ari nta muntu uboneka nka nyiri sosiyete y'ishoramari, reba abantu (niba bahari), baba bakora bonyine cyangwa bafatanyije n'abandi baganzira iyo sosiyete binyuze mu bundi buryo. Iyo bigenze gutyo, gukora ubugenzuzi binyuze mu bundi buryo, biba birimo, ariko bitagarukira ku buryo bashobora kumenyekana binyuze mu burenganzira bwo gutora bafite, ibyemezo bifatwa mu nteko rusange</p>	<p>the beneficial owners are identified based on the type of collective investment scheme:</p> <p>(a) In the case of an investment company:</p> <p>(i) Identify the natural persons who, whether acting alone or together, hold directly or indirectly at least twenty five percent (25%) of the units or shares or the voting rights in the company;</p> <p>(ii) to the extent that there is doubt under subparagraph (i) as to whether the natural persons who ultimately own the company are the beneficial owners or where no natural persons ultimately own the investment company, identify the natural persons (if any) who, acting alone or jointly, exercise control of the company through other means. In this circumstance, control through other means includes, but not restricted to situations where they effectively determine, through the voting rights they hold, the decisions made at the collective investment company's general meetings or where they have</p>	<p>les bénéficiaires effectifs sont identifiés en fonction du type d'organisme de placement collectif :</p> <p>(a) Dans le cas d'une société d'investissement :</p> <p>(i) Identifier les personnes physiques qui, soit agissant seules ou conjointement, détiennent directement ou indirectement au moins vingt-cinq pour cent (25%) des parts ou actions ou des droits de vote dans la société ;</p> <p>(ii) dans la mesure où il existe un doute, en vertu du point (i), quant à savoir si les personnes physiques qui détiennent en dernier ressort la société sont les bénéficiaires effectifs ou si aucune personne physique ne détient en dernier ressort la société d'investissement, identifier les personnes physiques (le cas échéant) qui, agissant seules ou conjointement, exercent le contrôle de la société par d'autres moyens. Dans ce cas, le contrôle par d'autres moyens comprend, sans s'y limiter, les situations dans lesquelles elles déterminent effectivement, par les droits de vote qu'elles détiennent, les</p>
---	---	---

<p>za sosiyete y'ishoramari y'abishyize hamwe cyangwa igihe bafite ububasha bwo gushyiraho cyangwa kwirukana benshi mu bagize inzego z'ubutegetsi, iz'ubuyobozi cyangwa iz'ubugenzuzi za sosiyete y'ishoramari.</p> <p>(iii) Iyo ari nta muntu ubonetse hakurikijwe ibivugwa mu gaka ka (i) cyangwa aka (ii) hejuru, hafatwa ibyemezo bikwiye bijyanye no kureba no kugenzura umwirondoro w'umuntu ukora imirimo y'umuyobozi mukuru. Iyo ikigo cy'ishoramari cy'abishyize hamwe gicungwa na sosiyete icunga ishoramari, umuntu cyangwa abantu bacunga mu by'ukuri iyo sosiyete icunga ishoramari.</p> <p>(b) Niba ari ikigega cy'ubwizerane:</p> <p>(i) Reba abantu, bakora haba bonyine cyangwa bafatanyije, bafite mu buryo buziguye cyangwa butaziguye byibura makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) by'imigabane mu kigo cy'ubwizerane;</p>	<p>the power to appoint or dismiss the majority of the members of the investment company's administrative, management or supervisory bodies.</p> <p>(iii) where no natural person is identified under (i) or (ii) above, reasonable measures should be taken to identify and verify the identity of the relevant natural person who holds the position of senior managing officer. Where the collective investment scheme is managed by an investment management company, the natural person(s) who effectively manage that investment management company.</p> <p>(b) In the case of a unit trust:</p> <p>(i) Identify any natural persons who, whether acting alone or together, hold directly or indirectly at least twenty-five percent (25%) of the units in the unit trust;</p>	<p>décisions prises lors des assemblées générales de la société d'investissement collectif ou dans lesquelles elles ont le pouvoir de nommer ou de révoquer la majorité des membres des organes d'administration, de gestion ou de surveillance de la société d'investissement.</p> <p>(iii) lorsqu'aucune personne physique n'est identifiée au titre des points (i) ou (ii) ci-dessus, des mesures raisonnables doivent être prises pour identifier et vérifier l'identité de la personne physique concernée qui occupe le poste de directeur général. Lorsque l'organisme de placement collectif est géré par une société de gestion de portefeuille, la ou les personnes physiques qui gèrent effectivement cette société de gestion de portefeuille.</p> <p>(b) Dans le cas d'une fiducie à participation unitaire :</p> <p>(i) Identifier toute personne physique qui, soit agissant seule ou conjointement, détient directement ou indirectement au moins vingt-cinq pour cent (25 %) des parts du</p>
--	--	---

<p>(ii) Reba umuntu ku giti cye (niba ahari) ufite ububasha bwo kugenzura ikigega cy'ubwizerane akoresheje ubundi buryo. Muri urwo rwego, kugenzura binyuze mu bundi buryo bikubiyemo umuntu ku giti cye uba, hakurikijwe uburenganzira bwo gutora bafite, wagennye ibyemezo byafashe mu ma nama y'inteko rusange ya sosiyete icunga umutungo cyangwa uba ufite ububasha bwo gushyiraho cyangwa kuvianaho ubwiganze bw'abanyamuryango b'inze z'ubutegetsi, z'icungamutungo cyangwa z'ubugenzuzi bwa sosiyete icunga umutungo.</p> <p>(iii) Reba intumwa n'ushyiraho intumwa b'ikigega cy'ubwizerane. Intumwa n'ushyiraho intumwa bisobanura ko sosiyete ikora nk'intumwa na sosiyete icungira umutungo ikigo cy'ubwizerane bareba. Igihe intumwa n'ushyiraho intumwa ari za sosiyete, bareba abantu ku giti cyabo bashobora kuba ari bo banyir'umutungo nyabo ba buri sosiyete icunga umutungo y'ikigega cy'ubwizerane (nk'ushyiraho intumwa</p>	<p>(ii) Identify any other natural person (if any) exercising ultimate control over the unit trust by other means. In this case, control by other means includes the natural persons who, by virtue of the voting rights they hold, effectively determine the decisions made at the management company's general meetings or who have the power to appoint or remove the majority of the members of the management company's administrative, management or supervisory bodies.</p> <p>(iii) Identify the trustee and the settlor of the unit trust. The references to the trustee and settlor mean the corporate entity that acts as trustee and the management company to the Unit Trust, respectively. If the trustee and the settlor are corporate entities, identify the natural persons who are deemed to be the beneficial owners of each of the management company of the Unit Trust (as the</p>	<p>fonds d'une fiducie à participation unitaire ;</p> <p>(ii) Identifier toute autre personne physique (le cas échéant) exerçant un contrôle ultime sur le fonds d'une fiducie à participation unitaire par d'autres moyens. Dans ce cas, le contrôle par d'autres moyens inclut les personnes physiques qui, en vertu de leurs droits de vote, déterminent effectivement les décisions prises durant les réunions des assemblées générales de la société de gestion ou qui ont le pouvoir de nommer ou révoquer la majorité des membres des organismes administratifs, gestionnaires ou de supervision de la société de gestion.</p> <p>(iii) Identifier le fiduciaire et le constituant d'un fonds d'une fiducie à participation unitaire. Les références au fiduciaire et au constituant désignent la personne morale qui agit en tant que trustee et la société de gestion du unit trust, respectivement. Si le fiduciaire et le constituant sont des personnes morales, identifier les personnes physiques qui sont réputées être les</p>
--	---	--

<p>yayo) n'intumwa (sosiyete)</p> <p>(c) Niba ari ikigo cy'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye:</p> <p>(i) Reba abantu, bakora haba bonyine cuangwa bafatanyije, bafite mu buryo buziguye cyangwa butaziguye byibura makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) by'imari shingiro cyangwa uburenganzira bwo gutora mu bijyanye n'imicungire y'ibikorwa by'ubucuruzi by'ikigo cy'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye;</p> <p>(ii) Iyo habayeho gushidikanya hakurikijwe ibivugwa mu gace ka (i) ku byerekeranye no kumenya niba abantu ku giti cyabo bafite ikigo cy'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye ari bo ba nyir'umuntungo nyabo cyangwa iyo ari nta muntu giti cye uhari ufatwa nka nyir'ikigo cy'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye,</p>	<p>settlor of it) and the trustee (corporate entity).</p> <p>(c) In the case of a limited partnership scheme:</p> <p>(i) Identify any natural persons who, whether acting alone or together, hold directly or indirectly at least twenty-five percent (25%) of the capital or the voting rights in the conduct of the business of the limited partnership scheme;</p> <p>(ii) to the extent that there is doubt under subparagraph (i) as to whether the natural persons who ultimately own the limited partnership scheme are the beneficial owners or where no natural persons ultimately own the limited partnership scheme, identify the natural persons (if any) who, acting alone or jointly, exercise control of the limited partnership scheme through other means. In this case,</p>	<p>bénéficiaires effectifs de la société de gestion du fonds d'une fiducie à participation unitaire (en tant que constituant de celui-ci) et du fiduciaire (personne morale).</p> <p>(c) Dans le cas d'une société en commandite :</p> <p>(i) Identifier toutes les personnes physiques qui, soit agissant seules ou conjointement, détiennent directement ou indirectement au moins vingt-cinq pour cent (25%) du capital ou des droits de vote dans la conduite des affaires de la société en commandite ;</p> <p>(ii) dans la mesure où il existe un doute, en vertu du sous-paragraphe (i), quant à savoir si les personnes physiques qui sont finalement propriétaires du système de société en commandite sont les bénéficiaires effectifs ou si aucune personne physique n'est finalement propriétaire du système de société en commandite, identifier les personnes physiques (le cas</p>
---	---	---

<p>ureba umuntu ku giti cye (niba hari uhari) yaba akora ubwe cyangwa afatanyije n'abandi ugenzura ikigo cy'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye binyuze mu bundi buryo. Muri urwo rwego, kugenzura binyuze mu bundi buryo birimo ariko bitari byo gusa ububasha bwo gushyiraho no kwirukana benshi mu bafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye b'ikigo cy'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye cyangwa kuba umuntu afite uburenganzira kuri 25% no hejuru yabyo by'umutungo w'ikigo cy'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye iyo bibaye ngombwa kugisesa.</p> <p>(iii)Iyo ari nta muntu giti cye ubonetse hakurikijwe ibivugwa mu gaka ka (i) cyangwa aka (ii) hejuru, ufata ibyemezo bikwiye byerekeranye no kureba abantu ku giti cyabo bafite umwanya w'abafatanyabikorwa bafite uburyozwe budahinnye cyangwa abafatanyabikorwa b'ikigo cy'ubufatanye mu bucuruzi bufite uburyozwe buhinnye n'ubudahinnye cyangwa iyo umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye ari sosiyete</p>	<p>control through other means includes, but not restricted to the power to appoint or dismiss a majority of the general partners of the limited partnership scheme or, entitlement to 25% and above of the assets of the limited partnership scheme in the event of dissolution.</p> <p>(iii)where no natural person is identified under subparagraph (a) or (b) above, take reasonable measures to identify the individuals who hold the position of general partner or partners of the limited partnership scheme or, in the case of a general partner that is a body corporate, the individuals who are the senior managing officials of the general partner.</p>	<p>échéant) qui, agissant seules ou conjointement, exercent le contrôle du système de société en commandite par d'autres moyens. Dans ce cas, le contrôle par d'autres moyens comprend, sans s'y limiter, le pouvoir de nommer ou de révoquer une majorité des commandités de la société en commandite ou le droit à 25 % et plus des actifs de la société en commandite en cas de dissolution.</p> <p>(iii)Lorsqu'aucune personne physique n'est identifiée au titre des points (i) ou (ii) ci-dessus, prendre des mesures raisonnables pour identifier les personnes qui occupent le poste de commandité ou d'associés du projet de société en commandite ou, dans le cas d'un commandité qui est une personne morale, les personnes qui sont les cadres supérieurs du commandité.</p>
--	---	--

<p>ifite ubuzima gatozi, abantu ku giti cyabo b'abayobozi bakuru b'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye.</p> <p>(d) Niba ari ikigega cy'abishyizehamwe gishingiye ku masezerano:</p> <p>(i) Reba abantu, bakora haba bonyine cyangwa bafatanyije, bafite mu buryo buziguye cyangwa butaziguye byibura makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) by'ibice fatizo by'umugabane cyangwa uburenganzira bwo gutora mu kigega cy'abishyizehamwe gishingiye ku masezerano</p> <p>(ii) Iyo habayeho gushidikanya hakurikijwe ibivugwa mu gace ka (i) ku byerekeranye no kumenya niba abantu ku giti cyabo batunze ku buryo nyakuri ikigega cy'abishyizehamwe gishingiye ku masezerano ari bo ba nyir'umuntungo nyabo cyangwa iyo ari nta muntu giti cye uhari ufatwa nka nyir'ikigega cy'abishyizehamwe gishingiye ku masezerano, ureba umuntu ku giti cye (niba hari uhari) yaba akora ubwe cyangwa afatanyije n'abandi mu kugenzura ikigega</p>	<p>(d) In the case of a contractual scheme:</p> <p>(i) Identify any natural persons who, whether acting alone or together, hold directly or indirectly at least twenty-five percent (25%) of the units or the voting rights in the contractual scheme;</p> <p>(ii) to the extent that there is doubt under subparagraph (i) as to whether the natural person(s) who ultimately own the contractual scheme are the beneficial owners or where no natural persons ultimately own the contractual scheme, identify the natural persons (if any) who, whether acting alone or together, exercise control over the contractual scheme through other means. This includes the natural persons who, by virtue of the voting rights they hold, effectively determine the decisions made at the</p>	<p>(d) Dans le cas d'un fonds contractuel :</p> <p>(i) Identifier toutes les personnes qui, soit agissant seules ou conjointement, détiennent directement ou indirectement au moins vingt-cinq pour cent (25%) des parts ou des droits de vote dans la conduite des affaires du fonds contractuel ;</p> <p>(ii) dans la mesure où il existe un doute, en vertu du sous-paragraphe (i), quant à savoir si les personnes physiques qui sont finalement propriétaires du fonds contractuel sont les bénéficiaires effectifs ou si aucune personne physique n'est finalement propriétaire du fonds contractuel, identifier les personnes physiques (le cas échéant) qui, agissant seules ou conjointement, exercent le contrôle du fonds contractuel par d'autres moyens. Ceci inclut les personnes physiques qui, en vertu de leurs droits de vote, déterminent</p>
--	--	--

<p>cy'abishyizehamwe gishingiye ku masezerano binyuze mu bundi buryo. Ibi bikubiyemo abantu ku giti cyabo baba, hakurikijwe uburenganzira bwo gutora bafite, bagennye ibyemezo byafashe mu ma nama y'inteko rusange ya sosiyete icunga umutungo cyangwa uba ufite ububasha bwo gushyiraho cyangwa kuvanaho ubwiganze bw'abanyamuryango b'inzego z'ubutegets, z'icungamutungo cyangwa z'ubugenzuzi bwa sosiyete icunga umutungo.</p> <p>(iii) Iyo ari nta muntu giti cye ubonetse hakurikijwe ibivugwa mu gaka ka (i) cyangwa aka (ii) hejuru, ufata ibyemezo bikwiye byerekeranye no kureba abantu ku giti cyabo bashobora kuba ari bo banyir'umutungo nyabo b'ucunga ikigega (umuyobozi w'ikigega) ndetse b'uwashinzwe ikigega (ikigo gifite ubuzimagatozi).</p> <p><u>Ingingo ya 21:</u> Kumenya umwirondoro wa nyir'umutungo nyawe w'umukiriya usaba gukora ubucuruzi akorera mu rwego rw'itegeko rigenga fondasiyo</p> <p>Iyo umuntu usaba gukora ubucuruzi akorera mu</p>	<p>management company's general meetings or who have the power to appoint or remove the majority of the members of the management company's administrative, management or supervisory bodies.</p> <p>(iii) Where no natural person is identified under (i) or (ii) above, take reasonable measures to identify the natural persons who are deemed to be the beneficial owners of the operator (scheme manager) and of the depository (corporate entity).</p> <p><u>Article 21:</u> Identification of the beneficial owner of person applying to do business within the framework of the law governing foundations</p> <p>In the case where the person applying for</p>	<p>effectivement les décisions prises durant les réunions des assemblées générales de la société de gestion ou qui ont le pouvoir de nommer ou révoquer la majorité des membres des organismes administratifs, gestionnaires ou de supervision de la société de gestion.</p> <p>(iii) Lorsqu'aucune personne physique n'est identifiée au titre des points (i) ou (ii) ci-dessus, prendre des mesures raisonnables pour identifier les personnes physiques qui sont réputées être les bénéficiaires effectifs de l'opérateur (gestionnaire de fonds) et du dépositaire (entité morale).</p> <p><u>Article 21 :</u> Identification du bénéficiaire effectif d'une personne demandant à faire des affaires dans le cadre de la loi régissant les fondations</p> <p>Dans le cas où la personne qui fait la demande</p>
---	---	--

<p>rwego rw'itegeko rigenga fondasiyo, nyiri fondasiyo nyawe agomba kuba ari umuntu ku giti cye wujuje kimwe mu bikurikira:</p> <p>(a) Kuba ari umwe mu bashinze fondasiyo cyangwa uwashinzwe kurangiza irage ryayo, umurinzi wa fondasiyo (niba hari uhari), abagize inama ya fondasiyo, urengera fondasiyo iyo hari uhari, abagenerwabikorwa cyangwa icyiciro cy'abagenerwabikorwa,</p> <p>(b) umuntu ku giti cye, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye ufite byibura makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) by'umutungo wa fondasiyo cyangwa mu rundi rwego rwemewe n'amategeko bimeze kimwe rugengwa n'itegeko ryo hanze;</p> <p>(c) umuntu ku giti cye ufite uburenganzira, washyizweho binyuze mu itegeko muri urwo rwego, bwo kuba umunyamigabane mu buryo buziguye cyangwa butaziguye akaba afite byibura imigabane ingana na makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) by'umutungo wa fondasiyo cyangwa mu rundi rwego rwemewe n'amategeko bimeze kimwe rugengwa n'itegeko ryo hanze;</p>	<p>business operates within the framework of the law governing foundations, the beneficial owner of the foundation will be natural person satisfying any of the following criteria:</p> <p>(a) founders(s) or will executor, guardian (if any), members of foundation council, protector(s) if any, beneficiary(ies) or class of beneficiaries,</p> <p>(b) any natural person holding, directly or indirectly, at least twenty-five per cent (25%) share in the property of the foundation or in any other comparable legal structure governed by foreign law;</p> <p>(c) any natural person(s) entitled, by virtue of a legal act designating him/her for this purpose, to become a holder, directly or indirectly, at least twenty-five per cent (25%) share in the property of the foundation or in any other comparable legal structure governed by foreign law;</p>	<p>d'activité opère dans le cadre de la loi régissant les fondations, le bénéficiaire effectif de la fondation sera une personne physique répondant à l'un des critères suivants :</p> <p>(a) fondateur(s) ou exécuteur testamentaire, tuteur (le cas échéant), membres du conseil de la fondation, protecteur(s) le cas échéant, bénéficiaire(s) ou catégorie de bénéficiaires,</p> <p>(b) toute personne physique détenant, directement ou indirectement, une part d'au moins vingt-cinq pour cent (25%) dans les biens de la fondation ou dans toute autre structure juridique comparable régie par un droit étranger ;</p> <p>(c) toute(s) personne(s) physique(s) habilitée(s), en vertu d'un acte juridique la désignant à cet effet, à devenir titulaire(s), directement ou indirectement, d'au moins vingt-cinq pour cent (25%) des biens de la fondation ou de toute autre structure juridique comparable de droit étranger ;</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 34:</u> Ibisabwa ku inyandiko z'inyongera</p> <p>Mu kugenzura ibikorwa by'ubucuruzi bikorwa imbonankubone, ikigo cy'imari, bitewe n'uko kibona ingorane zishobora kwiyongera, bityo hakaba hakenewe izindi nyandiko z'inyongera, gishobora gusaba ibaruwa igaragaza imyitwarire myiza ye iturutse ku mukoresha w'ubungubu, mu ishyirahamwe ry'abahuje umwuga nawe cyangwa abereye umunyamuryango; inyandiko igaragaza imikoreshereze ya konti ye; amasezerano y'ubukode bw'inzu cyangwa amazu ubucuruzi bwe bukoreramo cyangwa agakoresha ubundi bugenzuzi bwigenga ku ndangamuntu cyangwa pasiporo yatanze.</p> <p><u>Ingingo ya 35:</u> Kugenzura abashobora kuba abakiriya badasanze baba mu Rwanda</p> <p>Mu kugenzura abashobora kuba abakiriya badasanze baba mu Rwanda ariko bifuzaga gufunguza konti ku muhuza mu isoko mu Rwanda, hakoreshwa uburyo bwo kugenzura bumeze kimwe n'ubukoreshwa ku bakiriya baba mu Rwanda no kubona amakuru amwe. icyakora, kopi ya pasiporo, iy'indangamuntu cyangwa ibindi bimenyetso byanditse by'aho abarizwa bigomba kwemezwa na:</p>	<p><u>Article 34:</u> Requirement of additional documentation</p> <p>On face-to-face transactions verification, a financial institution may, where due to a perception of increased risk, additional documentation is required, request a reference letter from a current employer, professional or members' organization, bank statements, a lease for a rental house or business premises or seek further independent verification of a national identity card or passport submitted.</p> <p><u>Article 35:</u> Verification on prospective customers who are not normally resident in Rwanda</p> <p>For prospective customers who are not normally resident in Rwanda but who wish to open an account with a financial institution in Rwanda, it is important that verification procedures similar to those for Rwandan resident customers be carried out and the same information obtained. More importantly, the copy of passport, national identity card or documentary evidence of his or her address shall be certified by:</p>	<p><u>Article 34 :</u> Exigence de documentation supplémentaire</p> <p>Lors de la vérification des transactions en face à face, un institution Financière peut, lorsqu'en raison d'une perception de risque accru, une documentation supplémentaire est requise, demander une lettre de référence d'un employeur actuel, d'une organisation professionnelle ou d'une organisation de membres, des relevés bancaires, un bail pour une maison à louer ou des locaux commerciaux ou demander une vérification indépendante supplémentaire d'une carte d'identité nationale ou d'un passeport présenté.</p> <p><u>Article 35 :</u> Vérification sur clients potentiels qui ne résident pas normalement au Rwanda</p> <p>Pour les clients potentiels qui ne résident pas normalement au Rwanda mais qui souhaitent ouvrir un compte auprès d'un institution Financière au Rwanda, il est important que des procédures de vérification similaires à celles des clients résidents rwandais soient effectuées et que les mêmes informations soient obtenues. Plus important encore, la copie du passeport, de la carte d'identité nationale ou de la preuve documentaire de son adresse doit être certifiée par:</p>
--	---	---

<p>(a) Ambasade cyangwa Uhagarariye inyungu z'igihugu cyatanze iyo pasiporo cyangwa yatangiwemo,</p> <p>(b) Komiseri ushinze kwakira indahiro cyangwa noteri wa Leta; cyangwa</p> <p>(c) Umukozi mukuru w'ikigo cy'imari ufite amazina n'inshingano bigaragara kuri kopi. Umukozi mukuru atera kashe agashyira n'umukono kuri izo kopi hamwe n'amagambo avuga ngo "Nabonye kopi z'umwimerere".</p>	<p>(a) the Embassy, Consulate or High Commission of the country of issue,</p> <p>(b) Commissioner of Oaths or Notary Public, or</p> <p>(c) Senior Officer of the financial institution whose full names and title shall appear on the face of the copy. The senior officer shall stamp, date and sign with the words "originals sighted by me".</p>	<p>(a) l'ambassade, le consulat ou le haut-commissariat du pays d'émission,</p> <p>(b) un commissaire à l'assermentation ou un notaire public, ou</p> <p>(c) un cadre supérieur de l'institution Financière dont les noms et titres complets doivent figurer au recto de la copie. L'officier supérieur doit apposer son cachet, la date et la signature avec les mots "originaux vus par moi".</p>
<p><u>Ingingo ya 36: Kugenzura mu buryo butabogamiye umwirondoro w'umukiriya</u></p> <p>(1) Ikigo cy'imari gishobora kugenzura mu buryo butabogamiye umwirondoro kibinyujije mu kigo kigenga kizwi cyemerewe gukora bene iyi mirimo mu gihugu usaba atuyemo.</p> <p>(2) Ku bashobora kuba abakiriya badatuye mu gihugu bifuzaga gufungura konti z'ishoramari babinyujije mu iposita, kugenzura umwirondoro hifashishijwe uburyo bwigenga bikorwa n'ikigo kizwi cyemerewe gukora bene iyo mirimo mu gihugu usaba atuyemo.</p>	<p><u>Article 36: Independent verification of identity of customer</u></p> <p>(1) A financial institution may independently verify an identity with a reputable institution authorized to carry out this role in the applicant's country of residence.</p> <p>(2) For prospective non-resident customers who wish to open investment accounts by post, independent verification of identity should therefore be sought from a reputable institution authorized to carry out this role in the applicant's country of residence.</p>	<p><u>Article 36 : Vérification indépendante de l'identité du client</u></p> <p>(1) Une institution Financière peut vérifier de manière indépendante l'identité d'un client auprès d'une institution réputée autorisée à jouer ce rôle dans le pays de résidence du demandeur.</p> <p>(2) Pour les clients potentiels non-résidents qui souhaitent ouvrir des comptes d'investissement par voie postale, il convient donc de demander une vérification indépendante de l'identité auprès d'une institution de bonne réputation autorisée à remplir cette fonction dans le pays de résidence du demandeur.</p>

<p>(3) Amakuru akenerwa mu bugenzuzi agomba kuba arimo, ariko nanone atari yo gusa izina cyangwa amazina nyakuri akoreshwa, aderesi ihoraho y’umukiriya muri iki gihe no kugenzura umukono.</p> <p><u>Ingingo ya 37: Igenzura ryihariye ry’ibigo bifite ubuzimagatozi</u></p> <p>Kubera ingorane zishobora kuvuka mu kumenya ba nyir’umutungo nyabo n’ubunini bw’ibigo n’inzego byabo, sosiyete n’ibigo bifite ubuzimagatozi ni yo miyoboro ishobora gukoreshwa mu gukora iyezandonke cyane cyane iyo ari sosiyete y’ubucuruzi yemewe. Iyo bigenze gutyo, hagomba gufatwa ingamba zikurikira:</p> <p>(a) Mu buryo bw’umwihariko hagomba kurebwa niba ikigo gisaba gifite ubuzimagatozi hakanarebwa niba umuntu wifuza gukorera usaba abifitiye uburenganzira. Ikintu cy’ingenzi gisabwa ni ukureba inyuma ya sosiyete kugirango habashe kumenyekana abagenzura ibikorwa byayo n’umutungo wayo hibandwa by’umwihariko ku banyamigabane cyangwa abantu bayishoramo imari igaragara cyangwa bayifasha mu rwego</p>	<p>(3) Verification details requested should cover and may include but not be limited to the true name or names used, current permanent address and verification of signature.</p> <p><u>Article 37: Particular verification of legal entities</u></p> <p>Because of the possible difficulties of identifying beneficial ownership, and the complexity of their organizations and structures, corporate and legal entities are the most likely vehicles for money laundering, particularly when fronted by a legitimate trading company. In such cases, the following measures should be taken:</p> <p>(a) Particular care should be taken to verify the legal existence of the applicant and to ensure that any person purporting to act on behalf of the applicant is fully authorized. The principal requirement is to look behind the corporate entity to identify those who have ultimate control over the business and the company’s assets, with particular attention paid to any shareholders or others who inject a significant proportion of the capital or financial support. Enquiries should be</p>	<p>(3) Les détails de vérification demandés doivent couvrir et peuvent inclure, sans s’y limiter, le ou les véritables noms utilisés, l’adresse permanente actuelle et la vérification de la signature.</p> <p><u>Article 37 : Vérification particulière de personnes morales</u></p> <p>En raison des difficultés éventuelles d’identification des bénéficiaires effectifs et de la complexité de leurs organisations et structures, les sociétés et les personnes morales sont les véhicules les plus probables du blanchiment d’argent, en particulier lorsqu’elles sont présentées par une société commerciale légitime. Dans de tels cas, les mesures suivantes doivent être prises :</p> <p>(a) Il convient d’accorder une attention particulière à la vérification de l’existence légale du demandeur et de s’assurer que toute personne prétendant agir au nom du demandeur est pleinement autorisée. La principale exigence est de regarder derrière la personne morale pour identifier ceux qui ont le contrôle ultime de l’activité et des actifs de la société, en accordant une attention particulière aux actionnaires ou autres personnes qui injectent une</p>
--	---	---

<p>rw'imari. Hakorwa amaperereza kugirango habashe kwemezwa niba koko iyo sosiyete iriho kugirango ikore ubucuruzi bwemewe cyangwa ku mpamvu z'ubukungu no kureba niba 131tari sosiyete ya baringa gusa ifite abayigenzura b'ingenzi badashobora kumenyekana</p> <p>(b) Ibyemezo bigamije Kumenya Umukiriya wawe ku bigo bifite ubuzima gatozi bigomba kubamo ibikorwa byumvikana bigamije kumva niba umuguzi akora nk'intumwa cyangwa nka nyir'umutungo nyawe, kimwe n'imiterere y'ikigo cy'ubucuruzi n'icyo ubwo bucuruzi bugamije.</p> <p>(c) Mbere yo gukorana ubucuruzi, hagomba gukorwa ubushakashatsi cyangwa ubundi buryo bwo gukora iperereza kuri sosiyete hagamijwe kureba nimba sosiyete y'usaba itarasheshwe, itarasibwe cyangwa nimba ba nyirayo bataragabanye umutungo wayo cyangwa ibyo bikaba birimo bikorwa.</p> <p>(d) Naho ku byerekeranye na konti y'umutu ku giti cye cyangwa ibyorohera umukiriya mu kazi ke, ihame ryo "kumenya umukiriya wawe", ni</p>	<p>made to confirm that the company exists for a legitimate trading or economic purpose and that it is not merely a shell company where the controlling principals cannot be identified.</p> <p>(b) The CDD measures for legal persons should include reasonable actions to understand whether the customer is acting as an agent or a beneficial owner, as well as the business nature and the purpose of trade.</p> <p>(c) Before a business relationship is established, measures should be taken by way of a company search or other commercial enquiries to ensure that the applicant company has not been, or is not in the process of being, dissolved, struck off, wound-up or terminated.</p> <p>(d) As with personal accounts or facilities, the "know your customer" principle is an on-going process. If changes to the company structure or ownership occur</p>	<p>part importante du capital ou du soutien financier. Des enquêtes doivent être menées pour confirmer que la société existe dans un but commercial ou économique légitime et qu'il ne s'agit pas d'une simple société écran dont les principaux responsables du contrôle ne peuvent être identifiés.</p> <p>(b) Les mesures de CDD pour les personnes morales doivent inclure des actions raisonnables pour comprendre si le client agit en tant qu'agent ou bénéficiaire effectif, ainsi que la nature de l'activité et l'objet du commerce.</p> <p>(c) Avant l'établissement d'une relation d'affaires, des mesures doivent être prises par le biais d'une recherche de société ou d'autres enquêtes commerciales pour s'assurer que la société candidate n'a pas été, ou n'est pas sur le point d'être, dissoute, radiée, liquidée ou dissoute.</p> <p>(d) Comme pour les comptes ou installations personnels, le principe de "connaissance du client" est un processus continu. Si des modifications</p>
---	--	---

<p>igikorwa gihoraho. Iyo habayeho impinduka nyuma ku byerekeranye n'imiterere ya sosiyete cyangwa ku misaranganyirize y'imigabane cyangwa iyo habayeho ibikorwa bikemangwa biturutse ku mpinduka mu miterere y'ubucuruzi bakoranye cyangwa mu miterere y'imyishyuranire hifashishijwe konti ya sosiyete, hagomba gukorwa irindi suzuma kugirango hamenyekane impamvu z'izo mpinduka.</p> <p>(e) Byongeye kandi, hagomba gukorwa amaperereza buri gihe kugirango hamenyekane niba harabayeho impinduka mu bayobozi cyangwa abafatanyabikorwa cyangwa mu miterere y'umwimerere y'ubucuruzi cyangwa y'ibikorwa. Bene izo mpinduka zishobora kugira ingaruka zikomeye mu rwego rw'ibikorwa by'iyezandonke bishobora kubaho kabone niyo abemerewe gushyira umukono ku byemezo ikigo gifata baba batahindutse.</p> <p><u>Ingingo ya 38:</u> Igenzura ry'umwirondoro w'abafatanyabikorwa n'uw'abishingizi ku makonti</p> <p>(1) Iyo ari ibigo by'ubufatanye, ibigo by'ubwizerane n'ibindi bigo bitanditse</p>	<p>subsequently or if suspicions are aroused by a change in the nature of the business transacted or the profile of payments through a company account, further checks should be made to ascertain the reason for the changes.</p> <p>(e) In addition, enquiries should be made from time to time to establish whether there have been any changes to directors or shareholders or to the original nature of the business or activity. Such changes could be significant in relation to potential money laundering activity even though authorized signatories have not changed.</p> <p><u>Article 38:</u> Verification of the identity of partners and signatories to the account</p> <p>(1) In the case of partnerships, unit trusts and other unincorporated businesses</p>	<p>de la structure ou de la propriété de la société interviennent ultérieurement ou si des soupçons sont éveillés par un changement de la nature des affaires traitées ou du profil des paiements effectués sur un compte de la société, il convient de procéder à des vérifications supplémentaires pour déterminer la raison de ces changements.</p> <p>(e) En outre, des enquêtes doivent être menées de temps à autre pour déterminer si des changements sont intervenus au niveau des administrateurs ou des actionnaires ou de la nature initiale de l'entreprise ou de l'activité. De tels changements peuvent être significatifs par rapport à une activité potentielle de blanchiment d'argent, même si les signataires autorisés n'ont pas changé.</p> <p><u>Article 38 :</u> Vérification de l'identité des associés et signataires du compte</p> <p>(1) Dans le cas de sociétés de personnes, de fonds communs de placement et d'autres</p>
--	---	--

<p>bifite abafatanyabikorwa batabanje kugenzurwa n'ikigo cy'imari, umwirondoro w'abafatanyabikorwa bose n'uw'abishingizi ku makonti ugomba kugenzurwa ndetse n'amasezerano y'ubufatanye, amasezerano y'ubwizerane cyangwa izindi nyandiko bireba bikaboneka.</p> <p>(2) Iyo hariho amasezerano y'ubufatanye yemewe, ikigo cy'ubufatanye gitanga inyandiko itanga uburenganzira bwo gufungura konti kikanaha ububasha abazayikoresha.</p> <p><u>Ingingo ya 39:</u> Igenzura ry'umwirondoro w'abashyizweho gucunga ibintu n'iz'ubwizerane</p> <p>(1) Konti zihuriweho, iz'abashyizweho gucunga ibintu, iz'ubwizerane ni yo miyoboro ikunze gukoreshwa cyane n'abakora ibyaha baba bashaka kwirinda ibikorwa byo kugenzura umwirondoro wabo no guhisha inkomoko y'amafaranga akomoka ku bikorwa by'ubugizi bwa nabi bashaka gushyira mu iyezadonke. Hagomba kwitonderwa cyane iyo ayo makonti yashyizwe ahantu hakorerwa ibikorwa by'amabanki by'amabanga akomeye cyangwa iyo hakoreshwa amabwiriza y'ibanga.</p> <p>(2) Iyo ikigo cy'imari kitabanje kugenzura</p>	<p>whose partners have not previously been verified by the financial institution, the identity of all partners and signatories to the account should be verified. Additionally, the partnership agreement, the trust deed or other relevant documentation should be obtained.</p> <p>(2) In case where a formal partnership arrangement exists, a mandate from the partnership authorizing the opening of an account and conferring authority on those who will operate it should be obtained.</p> <p><u>Article 39:</u> Verification of the identity of the trustee, nominee and fiduciary</p> <p>(1) Trust, nominee and fiduciary accounts are a popular vehicle for criminals wishing to avoid the identification procedures and mask the origin of the money accrued from criminal activities they wish to launder. Particular care needs to be exercised when the accounts are set up in locations with Strict bank secrecy or confidentiality rules.</p> <p>(2) Where the financial institution has not</p>	<p>entreprises non constituées en société dont les associés n'ont pas été précédemment vérifiés par l'institution financière, l'identité de tous les associés et signataires du compte doit être vérifiée. En outre, il convient d'obtenir le contrat de partenariat, l'acte de fiducie ou tout autre document pertinent.</p> <p>(2) Dans les cas où il existe un accord de partenariat formel, il convient d'obtenir un mandat du partenariat autorisant l'ouverture d'un compte et conférant des pouvoirs à ceux qui le feront fonctionner.</p> <p><u>Article 39 :</u> Vérification de l'identité des comptes fiduciaires et comptes de prête-nom</p> <p>(1) Les comptes fiduciaires et les comptes de prête-nom sont un véhicule populaire pour les criminels qui souhaitent éviter les procédures d'identification et masquer l'origine des fonds provenant d'activités criminelles qu'ils souhaitent blanchir. Il convient d'être particulièrement prudent lorsque les comptes sont ouverts dans des endroits où le secret bancaire ou les règles de confidentialité sont stricts.</p> <p>(2) Lorsque l'institution Financière n'a pas</p>
---	--	--

<p>mbere umwirondoro w’abahuriye kuri konti kandi akaba ari nta mikoranire nabo afite muri iki gihe, kugenzura umwirondoro y’uhuriye kuri konti imwe n’undi cyangwa iyo hari abantu benshi bahuriye kuri konti, kugenzura imyirondoro yabo bikorwa hakurikijwe uburyo busanzwe busobanurwa mu mabwiriza ya FIC ku byerekeranye na AML/CFT.</p>	<p>previously verified the identity of a trustee or has no current relationship with a trustee, verification of the identity of the trustee, or where there are several trustees, the identity of all the trustees should be undertaken in line with the normal procedures to be prescribed by relevant FIC regulations on AML/CFT.</p>	<p>vérifié auparavant l'identité d'un fiduciaire ou n'a pas de relation actuelle avec un fiduciaire, la vérification de l'identité du fiduciaire, ou lorsqu'il y a plusieurs fiduciaires, l'identité de tous les fiduciaires doit être entreprise conformément aux procédures normales à prescrire par les réglementations pertinentes du FIC en matière d'AML/CFT.</p>
<p>(3) Iyo umuntu wagenwe gucunga ibintu afunguriza konti undi muntu ufite umwirondoro utaramenywe mbere n’ikigo cy’imari, umwirondoro w’uwo muntu wagenwe cyangwa wundi muntu uzajya agenzura iyo konti ugomba kugenzurwa.</p>	<p>(3) In cases where a nominee opening an account on behalf of another whose identity has not been previously identified by the financial institution, the identity of that nominee or any other person who will have control of the account shall be verified.</p>	<p>(3) Dans les cas où un courtier ouvre un compte au nom d'un autre dont l'identité n'a pas été préalablement identifiée par l'institution financière, l'identité de ce courtier ou de toute autre personne qui aura le contrôle du compte doit être vérifiée.</p>
<p>(4) Hashobora gufungurwa konti z’uwagenwe gucunga umutungo kandi zigafungurwa mu izina rye hagamijwe gukoresha ibikorwa by’inyandiko mvunjwafaranga mu izina ry’abakiriya be. Iyo ikigo cy’imari gifunguye konti y’uwagenwe gucunga umutungo w’umukiriya; uwo mukiriya akaba ari ikigo kigenzurwa n’Urwego, ingorane za konti y’ibikorwa byose ikoreshwa mu rwego rwo gukumira iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba kenshi na kenshi iba ari ntoya. Ikigo cy’imari ashobora kureba niba ashobora gukora ibikorwa byo Kumenya</p>	<p>(4) Nominee accounts may be established by and in the name of persons in order to engage in securities transactions on behalf of their clients. When the financial institution opens a nominee account for a customer who is an institution supervised by the Authority, the risk of the omnibus account being used for money laundering or terrorist financing is generally lower. The financial institution can consider if it may perform simplified CDD measures, so that there is no need to identify and verify the underlying clients of the financial institution. However, when the financial</p>	<p>(4) Les comptes de prête-noms peuvent être établis par et au nom de personnes afin d'effectuer des opérations sur titres pour le compte de leurs clients. Lorsque l'institution Financière ouvre un compte de prête-nom pour un client qui est une institution supervisée par l'Autorité, le risque que le compte omnibus soit utilisé pour le blanchiment d'argent ou le financement du terrorisme est généralement plus faible. L'institution Financière peut envisager d'effectuer des mesures CDD simplifiées, de sorte qu'il n'est pas nécessaire d'identifier et de vérifier les clients sous-jacents de</p>

<p>Umukiriya we byoroshye ku buryo bitaba ngombwa kureba no kugenzura abakiriya b'ikigo cy'imari. Ariko, iyo ikigo cy'imari gifunguriye umukiriya konti y'uwagenwe gucanga ibintu; uwo mukiriya akaba ari ikigo cy'imari cyo hanze, ingorane zijyanye n'iyi konti, mu bihe bimwe na bimwe, zishobora gufatwa nk'aho zikomeye bityo hakaba hafatwa n'ingamba zo Kumenya Umukiriya Wawe zikwiye.</p>	<p>institution opens a nominee account for a customer who is a foreign financial institution, the risks associated with the account in some circumstances may be considered to be potentially higher, and enhanced CDD measures may be appropriate.</p>	<p>l'institution financière. Cependant, lorsque l'institution Financière ouvre un compte de prête-nom pour un client qui est une institution financière étrangère, les risques associés au compte dans certaines circonstances peuvent être considérés comme potentiellement plus élevés, et des mesures CDD renforcées peuvent être appropriées.</p>
<p><u>Ingingo ya 40: Gutangira ibikorwa by'Ubushishozi bwinshi (EDD) ku mukiriya</u></p>	<p><u>Article 40: Undertake EDD processes on the customer</u></p>	<p><u>Article 40 : Entreprendre des processus d'EDD sur le client</u></p>
<p>(1) Iyo ikigo cy'imari kimaze kumenya umukiriya ushobora guteza ingorane nyinshi, gishobora gutangira ibikorwa by'Ubushishozi bwinshi (EDD) kuri uwo mukiriya birimo ibi bikurikira:</p> <p>(a) Gukora iperereza ku byerekeranye n'impamvu zatumye afunguza konti;</p> <p>(b) Gukora iperereza ku byerekeranye n'ingano n'imiterere y'ibikorwa by'ubucuruzi biteganyijwe;</p> <p>(c) Gukora iperereza ku byerekeranye no kumenya ba nyir'umutungo nyabo;</p> <p>(d) Gukora iperereza ku byerekeranye n'inkomoko y'amafaranga;</p>	<p>(1) Upon determining a customer as high risk, the financial institution should undertake EDD processes on the customer which should include the following:</p> <p>(a) enquiring on the purpose for opening an account;</p> <p>(b) enquiring the level and nature of trading activities intended;</p> <p>(c) enquiring on the ultimate beneficial owners;</p> <p>(d) enquiring on the source of funds;</p>	<p>(1) Lorsqu'il détermine qu'un client présente un risque élevé, l'institution Financière doit entreprendre des processus d'EDD sur le client qui doivent inclure les éléments suivants :</p> <p>(a) s'enquérir de l'objectif de l'ouverture d'un compte ;</p> <p>(b) s'enquérir du niveau et de la nature des activités de négociation envisagées ;</p> <p>(c) s'informer sur les bénéficiaires effectifs ultimes ;</p> <p>(d) s'informer sur l'origine des fonds ;</p>

<p>(e) Gufungura konti bimaze kwemerwa n'umuyobozi mukuru; no</p> <p>(f) Kunoza ibikorwa byo gukurikirana imikoraniye mu bucuruzi mu buryo buhoraho.</p> <p>(2) Ibikorwa by'Ubushishozi Bwinshi (EDD) bikorwa iyo:</p> <p>(a) Hari igikorwa gikomeye ugereranyije n'uko konti iba isanzwe ikoresheya;</p> <p>(b) Hari impinduka zikomeye mu bipimo ngenderwaho biboneka mu nyandiko bwite z'umukiriya w'ikigo cy'imari;</p> <p>(c) Hari impinduka zikomeye mu bijyanye n'uburyo ubucuruzi n'umukiriya bukorwamo;</p> <p>(d) Ikigo cy'imari amenye ko ashobora kubura amakuru akwiye ajyanye n'umwirondoro w'umukiriya; kandi;</p> <p>(e) Ikigo cy'imari amenye ko hashobora kubaho impinduka mu buryo imigabane isaranganyijwe cyangwa mu mategeko</p>	<p>(e) obtaining senior management's approval for opening an account; and</p> <p>(f) conducting enhanced ongoing monitoring of the business relationship.</p> <p>(2) EDD should be carried out when:</p> <p>(a) there is a transaction that is significant, having regard to the manner in which the account is ordinarily operated;</p> <p>(b) there is a substantial change in the financial institution's own customer documentation standards;</p> <p>(c) there is a material change in the way that business relations with the customer are conducted;</p> <p>(d) the financial institution becomes aware that it may lack adequate identification information on a customer; and</p> <p>(e) the financial institution becomes aware that there may be a change in the ownership or constitution of the</p>	<p>(e) obtenir l'approbation de la direction générale pour l'ouverture d'un compte ; et</p> <p>(f) effectuer une surveillance continue renforcée de la relation d'affaires.</p> <p>(2) L'EDD doit être effectuée lorsque :</p> <p>(a) il y a une transaction qui est significative, compte tenu de la manière dont le compte est habituellement géré ;</p> <p>(b) il y a un changement substantiel dans les normes de documentation du client de l'institution financière ;</p> <p>(c) il y a un changement important dans la manière dont les relations commerciales avec le client sont menées ;</p> <p>(d) l'institution Financière se rend compte qu'il peut manquer d'informations d'identification adéquates sur un client ; et</p> <p>(e) l'institution Financière se rend compte qu'il peut y avoir un changement dans la propriété ou la constitution du client ou</p>
--	---	---

<p>shingiro y'umukiriya cyangwa ku byerekeranye n'umuntu ufite uburenganzira bwo gukorera umukiriya mu bucuruzi akorana n'ikigo cy'imari.</p> <p>(3) Iyo umukiriya ananiwe gutanga inyandiko z'umwimerere, ikigo cy'imari gishobora kwakira kopi z'inyandiko zemejwe ko zihuye n'ukuri n'abazikoze cyangwa mu gihe ibi byaba bidashoboka, hagatangwa izemejwe ko ari ukuri n'inkiko, abavoka, abashinzwe gukoresha indahiro cyangwa ba noteri ba Leta.</p> <p><u>Ingingo ya 41: Gukora ibikorwa bya CDD</u></p> <p>(1) Umuyobozi w'Ikigega cy'Ishoramari cy'Abishyize hamwe (CIS) akora ibikorwa bya CDD bisabwe n'abanyamigabane cyangwa bagize uruhare muri CIS cyangwa umuyobozi wa CIS akajya mu mishyikirano n'icyo kigo hagamijwe gushyira umukono ku masezerano y'ubwizerane kugirango ibyo bikorwe.</p> <p>(2) Ikigo cy'imari gishobora akenshi guhura n'igihe, nk'uko cyaba kibizi, umukiriya ashobora kuba ari nawe mucungamutungo w'umutungo kandi akaba akoresha konti</p>	<p>customer or the person authorized to act on behalf of the customer in its business relations with the financial institution.</p> <p>(3) Where the customer is unable to produce original documents, the financial institution may accept documents that are certified to be true copies by the originators of the documents, or if this is not possible, certified by magistrates, advocates, commissioners for oaths or notaries public</p> <p><u>Article 41: Performing CDD measures</u></p> <p>(1) A CIS manager shall perform CDD measures when unit holders subscribe or take part in the CIS or the CIS manager enters into negotiations with an entity with a view to signing a trust deed for establishment.</p> <p>(2) A financial institution may often encounter cases where, to its knowledge, the customer is a manager of a portfolio of assets and is operating the account in that</p>	<p>de la personne autorisée à agir au nom du client dans ses relations commerciales avec l'institution financière.</p> <p>(3) Lorsque le client n'est pas en mesure de produire des documents originaux, l'institution Financière peut accepter des documents certifiés conformes par leurs auteurs ou, si cela n'est pas possible, certifiés par des magistrats, avocats, commissaires à l'assermentation ou notaires publics.</p> <p><u>Article 41 : Mettre en œuvre des mesures CDD</u></p> <p>(1) Un gestionnaire d'un fonds d'investissement collectif doit mettre en œuvre des mesures CDD lorsque des porteurs de parts souscrivent ou participent au fonds d'investissement collectif ou lorsque le gestionnaire du fonds d'investissement collectif entame des négociations avec une entité en vue de signer un acte de fiducie pour l'établissement.</p> <p>(2) Une institution Financière peut souvent rencontrer des cas où, à sa connaissance, le client est gestionnaire d'un portefeuille d'actifs et fait fonctionner le compte en cette</p>
---	--	---

<p>muri urwo rwego. Iyo bigenze gutyo, abashoye imari muri uwo mutungo ni bo baba bari ba nyir'umutungo nyabo. Ariko, Urwego rwemera ko ikigo cy'imari gishobora kunanirwa gukora CDD ku bashoramari bashyize amafaranga yabo muri uwo mutungo. Urugero, ucunga uwo mutungo, ku mpamvu z'ubucuruzi zemewe, ashobora kuzuyaza gutangariza ikigo cy'imari amakuru yerekeranye n'abashoramari bashyize amafaranga muri uwo mutungo. Iyo bigenze gutyo, ikigo cy'imari kigomba gusuzuma ingorane zishobora guterwa na buri muntu noneho kikamenya ibyemezo bya CDD bikwiye gufatwa. Muri urwo rwego no kuri buri mukiriya wo muri iki cyiciro, ikigo cy'imari ategura raporo y'isuzuma noneho akaba yayishyikiriza Urwego igihe ruyimusabye</p>	<p>capacity. In such cases, the underlying investors of the portfolio will be beneficial owners. However, the Authority recognizes that a financial institution may not be able to perform CDD on the underlying investors. For instance, the portfolio manager may be reluctant, for legitimate commercial reasons, to reveal information on the underlying investors to the financial institution. In such circumstances, the financial institution should evaluate the risks arising from each case and determine the appropriate CDD measures to take. In this regard and for each client in this category, the financial institution shall prepare a report of the evaluation and make the same available to the Authority upon request.</p>	<p>qualité. Dans de tels cas, les investisseurs sous-jacents du portefeuille seront des bénéficiaires effectifs. Toutefois, l'Autorité reconnaît qu'une institution Financière peut ne pas être en mesure d'effectuer la CDD sur les investisseurs sous-jacents. Par exemple, le gestionnaire de portefeuille peut être réticent, pour des raisons commerciales légitimes, à révéler des informations sur les investisseurs sous-jacents à l'institution financière. Dans de telles circonstances, l'institution Financière doit évaluer les risques découlant de chaque cas et déterminer les mesures CDD appropriées à prendre. À cet égard et pour chaque client de cette catégorie, l'institution Financière doit préparer un rapport d'évaluation et le mettre à la disposition de l'Autorité sur demande.</p>
<p>(3) Ikigo cy'imari kireba niba hakwiye gukoreshwa ingamba za CDD zoroshye ku buryo bitaba ngombwa kureba no gusuzuma abashoramari bashoye imari muri uwo mutungo nka ba nyir'umutungo nyabo. Byongeye kandi, iyo ikigo cy'ishoramari rihuriweho ari cyo mukuriya w'ikigo cy'imari, uyu nguyu agomba gufata ingamba zo kumenya niba ari ikigo cya CIS kiri ku rutonde rw'ibigo byashyizwe ku isoko ry'imigabane byaba ari ko bimeze, umuhuza ku isoko agomba gufata ingamba</p>	<p>(3) A financial institution may consider whether simplified CDD measures could be applied, so that identification and verification of the underlying investors as beneficial owners are dispensed with. In addition, where a collective investment scheme is the customer for a financial institution, the latter should take steps to identify whether it is an exchange-listed CIS, and if it is, the financial institution shall conduct higher CDD measures.</p>	<p>(3) Une institution Financière peut examiner s'il est possible d'appliquer des mesures CDD simplifiées, de sorte que l'identification et la vérification des investisseurs sous-jacents en tant que bénéficiaires effectifs soient supprimées. En outre, lorsqu'un organisme de placement collectif est le client d'une institution financière, ce dernier doit prendre des mesures pour identifier s'il s'agit d'un OPCVM coté en bourse et, si tel est le cas, l'institution Financière doit appliquer des mesures CDD plus strictes.</p>

<p>za CDD zikomeye kurushaho.</p> <p><u>Ingingo ya 42: Kubika inyandiko bikorwa n'ikigo cy'imari</u></p> <p>(1) Ikigo cy'imari kigomba kureba niba ibi bikurikira bikorwa:</p> <p>(a) Ibisabwa byose n'Itegeko rijyanye no kubika amadosiye n'inyandiko bikurikizwa;</p> <p>(b) inyandiko zose z'abakiriya n'iza ba nyir'umutungo nyabo, iz'imikoranire y'ubucuruzi n'iz'ibikorwa by'ubucuruzi ziri ku murongo, zikwiye kandi zabonwa;</p> <p>(c) igikorwa cy'ubucuruzi cyose gikozwe n'ikigo cy'imari gishobora kuba cyasubirwamo kugirango, igihe bibaye ngombwa, byorohe guha ubushinjacyaha ibimenyetso bijyanye n'ikorwa ry'icyaha; na</p> <p>(d) Inyandiko zishobora kubonwa no guhanahanwa mu gihe gikwiye igihe Ubuyobozi, Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari cyangwa ikindi kigo gishinzwe iyubahirizwa ry'Itegeko kizisabiye.</p>	<p><u>Article 42: Record Keeping by a financial institution</u></p> <p>(1) A financial institution shall ensure that:</p> <p>(a) all requirements imposed by Law relating to records and documentation are met;</p> <p>(b) all records of customers and beneficial owners, business relationship and transactions remain up-to-date, relevant and accessible;</p> <p>(c) any transaction undertaken by the financial institution can be reconstructed so as to provide, if necessary, evidence for prosecution of criminal activity; and</p> <p>(d) the records can be accessed and shared within a reasonable time, where any inquiry or order is made by the Authority, the Financial Intelligence Centre or any other relevant Law enforcement agency.</p>	<p><u>Article 42 : Tenue des registres par une institution financière</u></p> <p>(1) Une institution Financière doit s'assurer que:</p> <p>(a) toutes les exigences imposées par la loi en matière de registres et de documentation sont respectées ;</p> <p>(b) tous les registres des clients et des bénéficiaires effectifs, des relations d'affaires et des transactions restent à jour, pertinents et accessibles ;</p> <p>(c) toute transaction effectuée par l'institution Financière peut être reconstituée afin de fournir, si nécessaire, des preuves pour la poursuite d'une activité criminelle ; et</p> <p>(d) les registres peuvent être consultés et partagés dans un délai raisonnable, en cas d'enquête ou d'ordre de l'Autorité, du Centre de renseignement financier ou de tout autre organisme d'application de la loi compétent.</p>
--	--	--

<p>(2) Ikigo cy'imari gisuzuma inyandiko z'abakiriya ziriho buri gihe cyangwa igihe ari ngombwa.</p> <p>(3) Ikigo cy'imari kibika inyandiko n'amadosiye ajyanye n'ikibazo gikorwaho iperereza cyangwa cyasuzumwe n'Urwego Rushinzwe Ubutasi ku Mari igihe cyose bibaye ngombwa bitewe n'ubusabe cyangwa itegeko rivuye mu buyobozi, mu Rwego Rushinzwe Ubutasi ku Mari cyangwa mu rundi rwego rubifitiye ububasha bireba.</p> <p>(4) Ikigo cy'imari gifata neza kandi kikabika inyandiko z'ibikorwa byose byakozwe mu gihe cy'imyaka icumi (10) byibura uherye ku itariki icyo gikorwa cyarangiriyeho cyangwa ikurikira ifungwa rya konti cyangwa iry'imikoranire mu bucuruzi. Hashobora kubikwa inyandiko z'umwimerere; zikabikwa muri mudasobwa cyangwa mu bundi buryo bw'ikoranabuhanga.</p>	<p>(2) A financial institution shall undertake periodic or ad-hoc reviews of existing customer records.</p> <p>(3) A financial institution shall retain documents and records pertaining to a matter which is under investigation or which has been the subject of the Financial Intelligence Centre for such longer period as may be necessary in accordance with any request or order from the Authority, the Financial Intelligence Centre or from other relevant competent authority.</p> <p>(4) A financial institution shall maintain and keep records of all transactions for a minimum period of ten (10) years from the date the relevant business or transaction was completed or following the termination of an account or business relationship. Retention may be by way of original documents, stored on computer disk or in other electronic form.</p>	<p>(2) Une institution Financière doit entreprendre des examens périodiques ou ad hoc des dossiers existants des clients.</p> <p>(3) Une institution Financière doit conserver les documents et les enregistrements relatifs à une affaire qui fait l'objet d'une enquête ou qui a été soumise au Centre de renseignements financiers pendant toute la durée nécessaire pour répondre à toute demande ou ordonnance de l'Autorité, du Centre de renseignements financiers ou de toute autre autorité compétente.</p> <p>(4) Une institution Financière doit tenir et conserver les enregistrements de toutes les transactions pendant une période minimale de dix (10) ans à compter de la date à laquelle l'activité ou la transaction concernée a été réalisée ou après la clôture d'un compte ou d'une relation d'affaires. La conservation peut se faire sous la forme de documents originaux, stockés sur disque informatique ou sous une autre forme électronique.</p>
<p><u>Ingingo ya 43:</u> Politiki n'uburyo bwo gukemura ingorane zijyanye n'ikoranabuhanga rishya n'ibikorwa by'ubucuruzi bikorwa abantu batarebana</p> <p>Ikigo cy'imari gishyiraho politiki n'uburyo bwo</p>	<p><u>Article 43:</u> Policies and procedures to address risks associated with new technology and non-face-to-face transactions</p> <p>A financial institution shall establish policies</p>	<p><u>Article 43 :</u> Politiques et Procédures pour faire face aux risques avec de Nouvelles technologies et transactions non présentes</p> <p>Une institution Financière doit établir des</p>

<p>gukemura ingorane zihariye zijyanye n'ikoresha ry'ikoranabuhanga rishya n'imikoranire yo mu rwego rw'ubucuruzi cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi bikorwa abantu batarebana kandi izo politiki n'ubwo buryo bukoreshwa bigomba kuba byanditse ku buryo abakozi b'ikigo cy'imari babasha kubibona mu buryo bworoshye.</p>	<p>and procedures to address any specific risks associated with the use of new technology and non-face-to-face business relations or transactions, and these shall be documented and be easily accessible to the employees of the financial institution.</p>	<p>politiques et des procédures pour faire face à tous les risques spécifiques associés à l'utilisation des nouvelles technologies et aux relations d'affaires ou aux transactions sans contact direct, et celles-ci doivent être documentées et être facilement accessibles aux employés de l'institution financière.</p>
<p><u>Ingingo ya 44: Kugenzura ibikorwa by'ubucuruzi bikorwa abantu batarebana</u></p>	<p><u>Article 44: Non-face-to-face transactions verification</u></p>	<p><u>Article 44 : Vérification des transactions hors face-à-face</u></p>
<p>(1) Mu gihe cyo kugenzura ibikorwa by'ubucuruzi bikorwa abantu batarebana, ikigo cy'imari gikoresha uburyo bukomeye kurusha ubukoreshwa mu kugenzura ibikorwa by'ubucuruzi bikorwa abantu barebana hagamijwe kwemeza umwirondoro w'umukiriya no gufata ingamba zikwiye zigamije kwirinda ubusabe bumwe cyangwa bwinshi butari ubwa nyakuri cyangwa gusimbuza (kuba ari nta muntu bireba) cyangwa uburiganya bwerekeza ku gukora iyezandonke. Uburyo bukoreshwa ni ubu bukurikira:</p>	<p>(1) On non-face-to-face transactions verification, a financial institution shall adopt procedures which are more robust as those for face-to-face verification to confirm the identity of the customer and to provide for reasonable steps to avoid single or multiple fictitious applications or substitution (impersonation) or fraud for the purposes of money laundering. The procedures adopted shall:</p>	<p>(1) En ce qui concerne la vérification des transactions hors face-à-face, l'institution Financière doit adopter des procédures plus robustes que celles de la vérification en face-à-face pour confirmer l'identité du client et prévoir des mesures raisonnables pour éviter les demandes fictives uniques ou multiples ou la substitution (usurpation d'identité) ou la fraude aux fins du blanchiment de capitaux. Les procédures adoptées doivent :</p>
<p>(a) Kureba niba umuntu ubusabe bukorwa mu izina rye abaho kandi akaba atuye kuri aderesi yatanze; no</p>	<p>(a) ensure that a person bearing the name of the applicant exists and lives or is resident at the address provided; and</p>	<p>(a) garantir qu'une personne portant le nom du demandeur existe et vit ou réside à l'adresse fournie ; et</p>
<p>(b) Kureba niba usaba ari uwo muntu mu by'ukuri.</p>	<p>(b) ensure that the applicant is actually that person.</p>	<p>(b) s'assurer que le demandeur est effectivement cette personne.</p>

<p>(2) Hagomba gufatwa ibyemezo n’uburyo bukurikizwa bukarishye igihe hakoreshwa ikoranabuhanga rishya kandi hakorwa ibikorwa by’ubucuruzi bikorwa abantu batarebana.</p> <p><u>Ingingo ya 45: Ingamba zo kugabanya ingorane zijyanye n’ubucuruzi bukorwa abantu batarebana</u></p> <p>Mu gihe cyo gutangira gukorana ubucuruzi n’abandi, Ikigo cy’imari kigomba gufata ingamba imwe cyangwa nyinshi zikurikira mu rwego rwo kugabanya ubukana bw’ingorane zikomeye zishobora kuvuka zijyana no kutabasha kubonana imbona nkubone:</p> <p>(a) numero za telefone z’umukiriya zo mu rugo cyangwa izo ku kazi zishobora kugenzurwa mu buryo bwigenga;</p> <p>(b) Kwemeza aderesi y’umukiriya binyuze mu kohererezanya ubutumwa cyangwa mu bundi buryo bukwiriye;</p> <p>(c) Byemewe n’umukiriya, kwemeza hifashishijwe telefone y’urwego rw’akazi rw’umukiriya hamwe n’ishami rishinzwe abakozi ry’umukoresha w’umukiriya kuri</p>	<p>(2) Stringent measures and procedures shall be undertaken while using new technologies and non-face-to-face business transactions.</p> <p><u>Article 45: Measures to mitigate the risk associated with non face-to-face transactions</u></p> <p>A financial institution should take one or more of the following measures to mitigate the heightened risk associated with not being able to have face-to-face contact when establishing business relations:</p> <p>(a) telephone contact with the customer at a residential or business number that can be verified independently;</p> <p>(b) confirmation of the customer’s address through an exchange of correspondence or other appropriate method;</p> <p>(c) subject to the customer’s consent, telephone confirmation of the customer’s employment status with the customer’s employer’s personnel department at a listed business number</p>	<p>(2) Des mesures et des procédures strictes doivent être prises lors de l'utilisation des nouvelles technologies et des transactions commerciales non présentes.</p> <p><u>Article 45 : Mesures pour atténuer le risque lié aux transactions hors face-à-face</u></p> <p>Une institution Financière doit prendre une ou plusieurs des mesures suivantes pour atténuer le risque accru lié à l'impossibilité d'avoir un contact face à face lors de l'établissement de relations d'affaires :</p> <p>(a) contact téléphonique avec le client à un numéro résidentiel ou professionnel qui peut être vérifié de manière indépendante ;</p> <p>(b) confirmation de l'adresse du client par un échange de correspondance ou toute autre méthode appropriée ;</p> <p>(c) sous réserve du consentement du client, confirmation par téléphone de la situation professionnelle du client auprès du service du personnel de l'employeur du client, à un numéro de</p>
---	--	---

<p>numero y'akazi y'umukoresha yashyizwe ku rutonde;</p> <p>(d) Kwemeza umushahara w'umukiriya cyangwa amakuru yerekeranye n'ahandi hantu akura amafaranga hasabwa kwerekana inyandiko igaragaza imikoreshereze ya konti itangwa na banki;</p> <p>(e) Kwemeza ibyangombwa biranga umuntu bitangwa n'umukiriya; ibyo bigakorwa n'abacamanza, abakomiseri bashinzwe kwakira indahiro cyangwa ba noteri ba Leta; cyangwa</p> <p>(f) Ubundi buryo bwo kugenzura bwizewe bwakoreshwa n'ikigo cy'imari mu bucuruzi bukorwa abantu batarebana.</p>	<p>of the employer;</p> <p>(d) confirmation of the customer's salary or any other source of income details by requiring the presentation of recent bank statements from a bank;</p> <p>(e) certification of identification documents by magistrates, commissioners of oaths or notaries public presented by the customer; or</p> <p>(f) any other reliable verification checks adopted by the financial institution for non-face-to-face business.</p>	<p>téléphone professionnel répertorié de l'employeur ;</p> <p>(d) la confirmation du salaire du client ou de toute autre source de revenus en exigeant la présentation de relevés bancaires récents d'une banque ;</p> <p>(e) la certification de documents d'identité par des magistrats, des commissaires à l'assermentation ou des notaires publics présentés par le client ; ou</p> <p>(f) tout autre moyen de vérification fiable adopté par l'institution Financière pour les activités non présentesielles.</p>
<p><u>Ingingo ya 46: Kwemeza amafaranga akoreshwa n'ibikorwa by'ubucuruzi</u></p>	<p><u>Article 46: Determining the legitimacy of funds and transactions</u></p>	<p><u>Article 46 : Déterminer la légitimité des fonds et des transactions</u></p>
<p>Ikigo cy'imari gikoresha ubu bwoko bw'amakuru bukurikira nk'igipimo ngenderwaho gito gishoboka mu kwemeza ko amafaranga akoreshwa n'ibikorwa by'ubucuruzi byemewe:</p>	<p>A financial institution shall use the following types of information as minimum acceptable standard for determining the legitimacy of funds and transactions:</p>	<p>Une institution Financière doit utiliser les types d'informations suivants comme norme minimale acceptable pour déterminer la légitimité des fonds et des transactions :</p>
<p>(1) Ku byerekeranye na konti zihuriweho n'abantu benshi cyangwa iz'abagenwe gucunga ibintu by'abandi cyangwa zimeze</p>	<p>(1) for multiple or nominee accounts, or similar or related transactions, a written statement from the customer confirming</p>	<p>(1) pour les comptes multiples ou nominatifs, ou les transactions similaires ou connexes, une déclaration écrite du client confirmant</p>

